15 NYAKANGA 2014

UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

IBICE BYO KWIGWA

1-7 NZERI
"Yehova azi abe"
IPAJI YA 7 • INDIRIMBO: 63, 66

8-14 NZERI
Abagize ubwoko bwa Yehova 'bazibukira ibyo gukiranirwa'
IPAJI YA 12 • INDIRIMBO: 64, 61

15-21 NZERI
"Muri abahamya banjye"
IPAJI YA 23 • INDIRIMBO: 31, 92

22-28 NZERI
"Muzambera abahamya"
IPAJI YA 28 • INDIRIMBO: 102, 103

AFURIKA Y'EPFO

KU GIFUBIKO: Bashiki bacu babiri babwiriza abagore babiri bo mu bwoko bw'Abandebele bambaye imyambaro yabo gakondo, bakoresheje igitabo *Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?* Bicaye imbere y'inzu igaragaza uko mu giturage cyaho bubaka. Abantu bo mu bwoko bw'Abandebele bagize 2 ku ijana by'abaturage bo muri icyo gihugu

ABATURAGE
50.500.000

UMUBARE W'ABABWIRIZA
94.101

ABABWIRIZA BAVUGA IKINDEBELE
1.003

IBICE BYO KWIGWA

- **"Yehova azi abe"**
- **Abagize ubwoko bwa Yehova 'bazibukira ibyo gukiranirwa'**

Ibi bice bisobanura amagambo ari muri 2 Timoteyo 2:19, kandi bigaragaza isano afitanye n'ibyabaye mu gihe cya Mose. Menya ukuntu muri iki gihe Abakristo bashobora kugaragaza ko ari 'aba Yehova' kandi ko 'bazibukira ibyo gukiranirwa.'

- **"Muri abahamya banjye"**
- **"Muzambera abahamya"**

Muri ibi bice, tuzasuzuma icyo kuba twitwa Abahamya ba Yehova bisobanura. Tuzasobanukirwa ukuntu kwishimira kubwiriza ibihereranye na Yehova na Yesu bizadushishikariza kugira ishyaka mu murimo wo kubwiriza no guhesha ikuzo Imana na Kristo.

IBINDI

3 Bitanze babikunze muri Micronésie

17 Nabuze data—Mbona undi Data

UMUNARA W'UMURINZI™
UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

July 15, 2014
Vol. 135, No. 14 Semimonthly KINYARWANDA

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika biri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n'impano zitangwa ku bushake. Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n'igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw'isi nshya.*

The Watchtower (ISSN 0043-1087) is published semimonthly by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 25 Columbia Heights, Brooklyn, NY 11201-2483, and by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739.

© 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Printed in South Africa.

muri **Micronésie**



KATHERINE yakuriye muri Amerika, kandi igihe yari afite imyaka 16 yarabatijwe aba Umuhamya wa Yehova. Yakoranaga umwete umurimo wo kubwiriza, ariko mu karere yabwirizagamo abantu benshi ntibitabiraga ubutumwa bw'Ubwami. Yaravuze ati "nasomye inkuru zivuga ibirebana n'abantu bagiye basenga Imana bayisaba ko yabohereereza umuntu wabafasha kuyimenya. Akenshi nifuzaga kubona umuntu nk'uwo ariko sinigeze mubona."

Igihe **Katherine** yari amaze imyaka myinshi abwiriza muri iyo fasi, yatangiye gutekereza ibyo kwimukira mu kandi gace aho abantu bitabira ubutumwa bw'Ubwami. Ariko yibazaga niba yari kubishobora. Rimwe gusa ni bwo yamaze igihe atari kumwe n'abagize umuryango we, kandi nabwo byari ibyumweru bibiri gusa, ariko buri munsi yumvaga abakumbuye. Ariko kandi, icyifuzo yari afite cyo kugira ibyishimo biterwa no gufasha abantu bashaka kumenya Yehova cyaramuganje. Amaze gusuzuma ahantu hatandukanye yashoboraga kwimukira, yandikiye ibiro by'ishami byo muri Gwamu, maze ahabwa ibisobanuro yari akeneye. Muri Nyakanga 2007, ubwo Katherine yari afite imyaka 26, yimukiye muri ***Saipan,*** ikirwa cyo mu nyanja ya Pasifika kiri ku birometero 10.000 uturutse iwabo. Byaje kugenda bite?

Katherine (iburyo) na Doris (ibumoso)

IGISUBIZO CY'AMASENGESHO ABIRI

Nyuma y'igihe gito Katherine ageze mu itorero yimukiyemo, yahuye n'umugore uri mu kigero cy'imyaka 45 witwa Doris wemeye kwiga Bibiliya. Bamaze kwiga ibice bitatu bya mbere by'igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* Katherine yatangiye kugira impungenge. Yaravuze ati "Doris yigaga neza ku buryo ntashakaga kumudindiza. Sinari narigeze ngira umuntu nigisha Bibiliya kandi numvaga ko Doris yari akeneye kwigishwa na mushiki wacu w'inararibonye, wenda uri mu kigero cye." Katherine yasenze Yehova amusaba ko yamufasha kubona mushiki wacu ushoboye wari kwigisha Doris. Hanyuma yafashe umwanzuro wo kubwira Doris ko yari agiye kumuha undi muntu wo kumwigisha Bibiliya.

Katherine yaravuze ati "mbere yo kugira icyo mbwira Doris, yambwiye ko hari ikibazo yashakaga ko tuganiraho. Maze kumutega amatwi, namubwiye ukuntu Yehova yamfashije gukemura ikibazo nk'icyo yari afite. Yaranshimiye." Hanyuma Doris yabwiye Katherine ati "Yehova aragukoresha kugira ngo umfashe. Igihe wazaga iwanjye ku ncuro ya mbere, nari maze amasaha menshi nsoma Bibiliya. Nasengaga Imana ndira, nyisaba ko yanyohereereza umuntu wo kumfasha gusobanukirwa Bibiliya. Icyo gihe ni bwo wakomanze iwanjye. Yehova yari ashubije isengesho ryanjye." Iyo

(Ifoto iri ibumoso) Simon
(Ifoto iri iburyo) Erica

Katherine avuga iyo nkuru ikora ku mutima, amarira amuzenga mu maso. Yagize ati “amagambo Doris yambwiye yari igisubizo cy’isengesho ryanjye. Yehova yari anyeretse ko nashoboraga gukomeza kumwigisha.”

Doris yabatijwe mu mwaka wa 2010, kandi ubu yigisha abantu benshi Bibiliya. Katherine agira ati “nshimira Yehova kubera ko yatumye mbona umuntu ufite umutima utaryarya mfasha kugira ngo abe umugaragu we, nk’uko nabyifuzaga kuva kera.” Muri iki gihe Katherine ni umupayiniya wa bwite ku kirwa cya ***Kosrae*** kiri mu nyanja ya Pasifika, kandi arishimye rwose.

IBIBAZO BITATU BAHURA NA BYO N’UKO BABIKEMURA

Abavandimwe na bashiki bacu basaga ijana (bafite hagati y’imyaka 19 na 79) bavuye iwabo bajya gukorera umurimo ahakenewe ubufasha kuruta ahandi muri Micronésie. Uko abo bakozi b’abanyamwete bumva bameze byavuzwe neza na **Erica** wimukiye muri ***Gwamu*** mu mwaka wa 2006, afite imyaka 19. Yagize ati “gukorera umurimo w’ubupayiniya mu ifasi irimo abantu bafite inyota y’ukuri birashimisha cyane. Nshimira Yehova kubera ko yamfashije kuba umupayiniya. Ni bwo buryo bwiza kurusha ubundi bwo kubaho.” Muri iki gihe, Erica ni umupayiniya wa bwite wishimye, ukorera ahitwa ***Ebeye*** mu birwa bya Marishali. Birumvikana ko hari n’ibibazo bijyanirana no gukorera umurimo mu gihugu cy’amahanga. Reka dusuzume bitatu muri byo maze turebe ukuntu abimukiye muri Micronésie babikemura.

Imibereho. Igihe umuvandimwe witwa **Simon** wari ufite imyaka 22 yageraga ku kirwa cya ***Palau*** mu mwaka wa 2007, yahise abona ko amafaranga yashoboraga gukorera yari make cyane agereranyije n’ayo yakoreraga iwabo mu Bwongereza. Yagize ati “nitoje kutagura ibyo numvaga nifuza byose. Ubu ntoranya nitonze ibyokurya ngomba kugura, kandi ngereranya ibiciro mbere yo kugura kugira ngo menye ahahendutse. Iyo hari igikoresho cyangiritse, nshakisha ibyo kugisana aho bagurishiriza ibintu byakoze, maze nkagerageza gushaka umuntu wamfasha kugikora.” Gushaka kubaho mu buryo bworoheje byamufashije bite? Simon yagize ati “byamfashije kumenya ibintu by’ingenzi mu buzima ibyo ari byo, n’ukuntu nabeshwaho na duke. Incuro nyinshi nagiye nibonera ko Yehova anyitaho. Mu gihe cy’imyaka irindwi maze nkorera ino, nakomeje kubona ibyokurya n’aho kuba.” Koko rero, Yehova ashyigikira ababaho mu buryo bworoheje bagamije gushaka mbere na mbere Ubwami.—Mat 6: 32, 33.

Gukumbura iwabo. Erica yagize ati “mfitanye imishyikirano ya bugufi n’abagize umuryango wanjye, kandi numvaga mpangayikishijwe n’uko nari kubakumbura bigatuma ntakora neza umurimo.” Ni iki yakoze kugira ngo yitegure? Yagize ati “mbere y’uko nimuka, nasomye ingingo zo mu *Munara w’Umurinzi* zivuga ibirebana no gukumbura. Mu by’ukuri, byamfashije kwitegura guhangana n’icyo kibazo. Mu ngingo imwe, umubyeyi yahumurije umukobwa we amubwira ko Yehova azamwitaho, agira ati ‘Yehova ashobora kukwitaho cyane kurusha uko nakwitaho.’ Ayo magambo ya-

rankomeje rwose.” Uwitwa **Hannah** n’umugabo we **Patrick** bakorera umurimo ahitwa ***Majuro*** mu birwa bya Marishali. Hannah ahangana n’ikibazo cyo gukumbura iwabo atekereza cyane ku bavandimwe na bashiki bacu bo mu itorero arimo. Yagize ati “mpora nshimira Yehova ku bw’umuryango w’abavandimwe bo ku isi hose kuko na bo ari abagize umuryango wanjye. Iyo batanshyigikira babigiranye urukundo, sinari gukorera umurimo ahakenewe ubufasha cyane kurusha ahandi.”

Kubona izindi ncuti. Simon yaravuze ati “iyo ugeze mu kindi gihugu, usanga ibintu hafi ya byose bitandukanye n’iby’iwanyu. Rimwe na rimwe, numva nkumbuye gutera urwenya abantu bagahita bumva icyo nshaka kuvuga.” Erica yagize ati “mu mizo ya mbere, numvaga ndi mu bwigunge ariko byamfashije gutekereza ku cyatumye nimuka. Sinimutse nshaka inyungu zanjye, ahubwo icyatumye nimuka ni ukugira ngo nkore byinshi mu murimo wa Yehova.” Yakomeje agira ati “nyuma y’igihe, nagize incuti nkunda cyane.” Simon yashyizeho imihati yiga ururimi rw’igipalawu, rutuma ‘yaguka’ maze ashobora gushyikirana n’abavandimwe na bashiki bacu bo muri ako gace (2 Kor 6:13). Ibyo byatumye abavandimwe bamukunda cyane. Iyo abavandimwe baturutse mu bindi bihugu bakoranye bunze ubumwe n’abo baje basanga, abagize itorero bose bagirana ubucuti. Ni izihe ngororano zindi abitangira gukorera umurimo ahakenewe ubufasha cyane kuruta ahandi babona?

‘BASARURA BYINSHI’

Intumwa Pawulo yaravuze ati “ubiba byinshi na we azasarura byinshi” (2 Kor 9:6). Ibivugwa muri uwo murongo w’Ibyanditswe bisohorera ku babwiriza bagura umurimo wabo. Ni izihe mbuto ‘nyinshi basarura’ muri Micronésie?

Muri Micronésie haracyari abantu benshi bemera kwiga Bibiliya maze umuntu akibonera ukuntu abiga ukuri ko mu Ijambo ry’Imana kandi bagakurikiza ibyo biga, bagira amajyambere yo mu buryo bw’umwuka. Nanone, Patrick na Hannah babwirije ku kirwa gito cyane cya ***Angaur,*** gituwe n’abantu 320. Igihe bari bamaze amezi abiri bahabwiriza, bahuye n’umugore urera abana wenyine. Yahise yemera kwiga Bibiliya, akunda ukuri kandi arahinduka cyane. Hannah yagize ati “buri gihe iyo twabaga turi ku magare yacu tuvuye kumwigisha Bibiliya, twararebanaga maze tukavuga tuti ‘urakoze Yehova!’ ” Hannah yakomeje agira ati “nzi neza ko Yehova yari kwireherezaho uwo mugore akoresheje ubundi buryo, ariko kubera ko twaje gukorera aho ubufasha bukenewe cyane kurusha ahandi, twashoboye kubona uwo muntu ugereranywa n’intama, kandi tumufasha kumenya Yehova. Icyo ni kimwe mu bintu byadushimishije cyane mu buzima bwacu.” Erica yaravuze ati “iyo ufashije umuntu kumenya Yehova, ugira ibyishimo bitagereranywa.”

ESE NAWE USHOBORA KWIMUKA?

Mu bihugu byinshi hakenewe ababwiriza b’Ubwami benshi kurushaho. Ese nawe ushobora kwimukira mu gace gakeneye ababwiriza benshi kurushaho? Senga Yehova umusaba ko yagufasha kurushaho kugira icyifuzo cyo kwagura umurimo wawe. Biganireho n’abasaza bo mu itorero ryawe, cyangwa umugenzuzi w’akarere, cyangwa se ubiganireho n’abantu bakoreye umurimo mu gihugu gikeneye ababwiriza benshi kurushaho. Niba ubona ko ushobora kwimuka, uzandikire ibiro by’ishami bigenzura umurimo muri iyo fasi wifuza kwimukiramo, usabe ibisobanuro by’inyongera.* Wenda nawe ushobora kuba umwe mu bavandimwe na bashiki bacu babarirwa mu bihumbi, baba abato n’abakuze, abaseribateri cyangwa abashatse, bitanga babikunze maze bakagira ibyishimo bibonerwa mu ‘gusarura byinshi.’

* Reba ingingo igira iti “Ese ushobora ‘kwambuka ukaza i Makedoniya’?” yo mu *Murimo Wacu w’Ubwami* wo muri Kanama 2011.

Patrick na Hannah

Uko batoza abandi

MU BANTU bagiye gukorera umurimo mu bihugu by'amahanga, harimo n'abasaza b'amatorero bamaze imyaka myinshi bita ku mukumbi. Ni mu buhe buryo abo bavandimwe bashobora gutoza abagize amatorero?

Richard ufite imyaka 65 yimukiye muri ***Gwamu*** mu mwaka wa 2010, avuye muri Amerika. Avuga ko gushimira abandi ubikuye ku mutima ari bumwe mu buryo bw'ingenzi cyane bwo kubatoza. Nanone Richard yagize ati "uburyo bwiza bwo gutoza abandi ni ukujyana na bo kubwiriza. Abavandimwe bashobora kubona no kumva uko wigisha abandi ibihereranye na Yehova. Ikindi kandi, gukorana n'abandi bituma mukundana kandi mukunga ubumwe."

Greg ufite imyaka 60 aba muri ***Saipan*** kuva mu mwaka wa 2010. Yagize ati "abasaza b'amatorero bimukiye ino bita kuri buri muvandimwe. Twagiranye na bo ubucuti bukomeye, turizerana kandi turubahana." Yongeyeho ati "nubwo tubatoza, natwe tubigiraho byinshi."

Mike ufite imyaka 60 n'umugore we **Alice** bamaze imyaka isaga 20 bakorera umurimo mu karere ka Pasifika. Yatoje ate abandi? Yagize ati "nabatoje mbaha urugero rwiza mu birebana no gukurikiza ubuyobozi duhabwa n'umuteguro wa Yehova. Nakoraga uko nshoboye kugira ngo abo ntoza basobanukirwe neza ubwo buyobozi. Nihatiraga gushyira mu bikorwa ibyo nigishaga abandi, nkihangana kandi nkabashimira." Mike yanagize ati "iyo wimukiye mu kandi gace, biba byiza iyo uzirikanye ko haba hari uburyo bunyuranye bwo gukora ibintu."

Abavandimwe bo muri Micronésie babona bate imyitozo bahabwa? Joel ufite imyaka 21 uba muri Gwamu, yagize ati "abasaza bangaragariza ko banyiringira bampa ibintu byo gukora. Ibyo byatumye mbona ko hari ikintu cy'agaciro natanga mu murimo wa Yehova." Byron ufite imyaka 31 uba muri Saipan yagize ati "abasaza bamfashije gushyira mu mwanya wa mbere ibintu by'umwuka aho gukurikirana ubutunzi, binyuriye ku mwete bagira mu murimo n'urukundo bakunda intama." Yongeyeho ati "twishimira rwose kuba dufite abo bavandimwe b'inararibonye."

1. Richard na Joel
2. Byron na Greg
3. Mike na Alice

“Yehova azi abe”

“Niba umuntu akunda Imana, uwo muntu aba azwi na yo.”—1 KOR 8:3.

UMUNSI umwe ari mu gitondo, Umutambyi Mukuru Aroni yari ahagaze mu muryango w’ihema ry’ibonaniro rya Yehova afashe icyotero cyoserezwagaho umubavu. Hafi ye hari Kora n’abagabo 250 na bo barimo bosereza Yehova imibavu, buri wese afite icyotero cye (Kub 16:16-18). Umuntu yashoboraga gutekereza ko abo bagabo bose basengaga Yehova mu budahemuka. Ariko uretse Aroni, abandi bose bari abibone kandi ari ibyigomeke byashakaga kwigarurira ubutambyi (Kub 16:1-11). Batekerezaga bibeshya ko Imana yari kwemera ugusenga kwabo. Ariko mu by’ukuri, ibyo bakoraga byari nko gutuka Yehova, we usoma ibiri mu mutima, akaba yarabonaga uburyarya bwabo.—Yer 17:10.

2 Umunsi umwe mbere yaho, Mose yari yavuze ati “ejo mu gitondo Yehova azagaragaza uwe uwo ari we” (Kub 16:5). Koko rero, Yehova yagaragaje abamusengaga by’ukuri n’abamusengaga by’uburyarya, ubwo ‘umuriro waturukaga kuri Yehova maze ugatwika [Kora na] ba bagabo magana abiri na mirongo itanu bosaga umubavu’ (Kub 16:35; 26:10). Icyo gihe Aroni yarasigaye, bityo Yehova aba agaragaje ko ari we wari umutambyi

WASUBIZA UTE?

Ni iki kitwizeza ko umugambi wa Yehova utazigera uburizwamo?

Ni ibihe bintu bibiri by’ingenzi amahame ya Yehova ashingiyeho?

Ni mu buhe buryo amasomo twavanye mu bivugwa muri 2 Timoteyo 2:19 atuma turushaho kwizera Yehova?

1. Vuga inkuru ya Bibiliya igaragaza ukuntu bamwe mu bari bagize ubwoko bw’Imana bagize imitekerereze mibi. (Reba ifoto ibimburira iki gice.)

2. Ni iki Mose yari yavuze, kandi se ibyo yavuze byasohoye bite?

wemewe kandi ko ari we wasengaga Imana by'ukuri.—**Soma mu 1 Abakorinto 8:3.**

3 Nyuma y'imyaka igera ku 1.500, hari ibintu nk'ibyo byabaye mu gihe cy'intumwa Pawulo. Bamwe mu biyitaga Abakristo badukanye inyigisho z'ikinyoma, ariko bakomeza kwifatanya n'itorero rya gikristo. Umuntu warebaga yihitira gusa ntiyashoboraga gutandukanya abo bahakanyi n'abandi bari bagize itorero. Ariko kandi, inyigisho zabo z'ubuhakanyi zashoboraga guteza akaga Abakristo b'indahemuka. Ibyo birura byari byambaye uruhu rw'intama byatangiye 'gusenya ukwizera kwa bamwe' (2 Tim 2:16-18). Icyakora, Yehova we ntareba yihitira gusa, kandi ibyo Pawulo agomba kuba yari abizi neza afatiye ku byo Imana yari yarakoreye bya byigomeke, ni ukuvuga Kora n'abari bamushyigikiye. Ku birebana n'ibyo, nimucyo dusuzume amagambo ashishikaje Pawulo yanditse maze turebe icyo atwigisha.

'NDI YEHOVA, SIMPINDUKA'

4 Pawulo yari azi neza ko Yehova yari kumenya abamusengaga by'uburyarya, kandi yemeraga ko Yehova yari azi abamwumviraga. Pawulo yagaragaje ko yabyemeraga adashidikanya binyuriye ku magambo yakoresheje igihe yandikiraga Timoteyo ahumekewe. Amaze kwerekeza ku bibazo byo mu buryo bw'umwuka abo bahakanyi bari barateje bamwe mu bari bagize itorero, yaranditse ati 'nyamara urufatiro rukomeye rw'Imana ruracyahagaze, ruriho iki kimenyetso gifatanya kivuga ngo "Yehova azi abe," kandi ngo "uwambaza izina rya Yehova nazibukire ibyo gukiranirwa."'—2 Tim 2:18, 19.

5 Kuki amagambo Pawulo yahisemo gukoresha muri iyo mirongo ashishikaje? Aho ni ho honyine Bibiliya yakoresheje amagambo ngo "urufatiro rukomeye rw'Imana." Bibiliya ikoresha ijambo "urufatiro" yerekeza ku bintu bitandukanye, urugero nka Yerusalemu, yari umurwa mukuru wa Isirayeli ya kera (Zab 87:1, 2). Uruhare Yesu afite mu isohozwa ry'umugambi wa Yehova na rwo rugereranywa n'urufatiro (1 Kor 3:11; 1 Pet 2:6). Ni iki Pawulo yashakaga kuvuga igihe yandikaga ibirebana n'"urufatiro rukomeye rw'Imana"?

6 Pawulo yavuze ibirebana n'"urufatiro rukomeye rw'Imana" igihe yasubiragamo amagambo Mose yabwiye Kora n'abari bamushyigikiye, aboneka mu Kubara 16:5. Uko bigaragara, yabwiye Timoteyo ibyabaye mu gihe cya Mose kugira ngo amutere inkunga, anamwibutse ko Yehova afite ubushobozi bwo gutahura ibikorwa by'ubwigomeke no kubirwanya. Abahakanyi bari mu itorero ntibashoboraga kuburizamo umugambi wa Yehova, nk'uko Kora na we atari yarabishoboye. Pawulo ntiyasobanuye mu buryo burambuye icyo "urufatiro rukomeye rw'Imana" rugereranya. Ariko kandi, amagambo yavuze yatumye Timoteyo yiringira Yehova byimazeyo.

7 Amahame ya Yehova yo mu rwego rwo hejuru ntahinduka. Muri Zaburi ya 33:11 hagira hati "umugambi wa Yehova uzahoraho kugeza ibihe bitarondoreka; ibyo umutima we utekereza bihoraho uko ibihe biha ibindi." Indi mirongo y'Ibyanditswe ivuga ko ubutegetsi bwa Yehova, ineza ye yuje urukundo, gukiranuka kwe n'u-

---

3. (a) Ni ibihe bintu byabaye mu gihe cy'intumwa Pawulo? (b) Uko Yehova yagenje abigometse mu gihe cya Mose bitwigisha iki?

4. Ni iki Pawulo yemeraga adashidikanya, kandi se yabigaragaje ate mu magambo yandikiye Timoteyo?

5, 6. Ni iki gishishikaje mu birebana no kuba Pawulo yarakoresheje amagambo ngo "urufatiro rukomeye rw'Imana," kandi se ni mu buhe buryo ayo magambo ashobora kuba yarafashije Timoteyo?

7. Kuki dushobora kwiringira ko Yehova azahora arangwa no gukiranuka n'ubudahemuka?

budahemuka bwe bihoraho iteka ryose (Kuva 15:18; Zab 100:5; 112:9). Muri Malaki 3:6 hagira hati ‘ndi Yehova, simpinduka.’ Muri Yakobo 1:17 na ho havuga ko Yehova ‘adahinduka nk’uko igicucu kigenda gihinduka.’

AMAGAMBO ATUMA TWIZERA YEHOVA

8 Amagambo y’ikigereranyo Pawulo yakoresheje muri 2 Timoteyo 2:19 yumvikanisha urufatiro rw’inzu ruriho amagambo runaka, ameze nk’ayashyirishijweho kashe. Mu bihe bya kera, abantu bakundaga kwandika ku rufatiro rw’inzu, wenda bashaka kugaragaza uwayubatse cyangwa nyirayo. Pawulo ni we mwanditsi wa Bibiliya wakoresheje urwo rugero bwa mbere.* “Urufatiro rukomeye rw’Imana” rwavuzwe na Pawulo rwari rwanditseho ibi bintu bibiri: (1) “Yehova azi abe”; (2) “uwambaza izina rya Yehova nazibukire ibyo gukiranirwa.” Ibyo bitwibutsa amagambo ari mu **Kubara 16:5.—Hasome.**

9 Amagambo yari yanditse ku ‘rufatiro rukomeye rw’Imana’ atwigisha iki? Atuma tumenya ko amahame ya Yehova ashingiye kuri ibi bintu bibiri by’ingenzi: (1) Yehova akunda abamubera indahemuka; (2) Yehova yanga gukiranirwa. None se ibyo bihuriye he n’ububahakanyi bwari bwaradutse mu itorero?

10 Timoteyo n’abandi bantu b’indahemuka bashobora kuba barabuzwaga amahwemo n’ibikorwa by’abahakanyi bari mu itorero. Bamwe mu Bakristo bashobora kuba baribazaga impamvu abantu nk’abo bemererwaga gukomeza kuba mu itorero. Abantu b’indahemuka bashobora kuba baribazaga niba mu by’ukuri Yehova yarabonaga ko bo bari bariyemeje kumubera indahemuka, mu gihe abo bahakanyi bo bamusengaga by’uburyarya gusa.—Ibyak 20:29, 30.

11 Nta gushidikanya ko urwandiko rwa Pawulo rwakomeje ukwizera kwa Timoteyo. Yamwibukije ko Yehova yari yaragaragaje ko Kora na bagenzi be bari indyarya. Yehova yarabanze kandi arabarimbura, ariko agaragaza ko yemeraga Aroni. Mu by’ukuri, Pawulo yashakaga kuvuga ko nubwo mu itorero hari Abakristo b’indyarya, Yehova yari kumenya abe,



Timoteyo ntiyari guhungabanywa n’ibikorwa by’abahakanyi
(Reba paragarafu ya 10-12)

* Amagambo yo mu Byahishuwe 21:14, yanditswe hashize imyaka ibarirwa muri za mirongo Pawulo yandikiye Timoteyo, avuga ibirebana n’‘amabuye y’urufatiro’ 12 yanditseho amazina 12 y’intumwa.

8, 9. Amagambo yari yanditse ku ‘rufatiro rukomeye rw’Imana’ atwigisha iki?

10. Ibikorwa by’abahakanyi byagiraga izihe ngaruka ku bantu b’indahemuka bo mu gihe cya Pawulo?

11, 12. Ni mu buhe buryo urwandiko Pawulo yandikiye Timoteyo rwakomeje ukwizera kwe?

nk'uko yari yarabamenye mu gihe cya Mose.

12 Yehova ntajya ahinduka; ni uwo kwiringirwa. Yanga gukiranirwa, kandi mu gihe gikwiriye acira urubanza abanyabyaha banga kwihana. Kubera ko Timoteyo na we 'yambazaga izina rya Yehova,' yibukijwe ko yagombaga kwirinda koshywa n'Abakristo b'indyarya.*

GUKORERA IMANA DUFITE UMUTIMA UTARYARYA SI IMFABUSA

13 Amagambo Pawulo yanditse ahumekewe, natwe ashobora kudukomeza mu buryo bw'umwuka. Mbere na mbere, kumenya ko Yehova abona ubudahemuka bwacu biraduhumuriza. Ariko kandi, Yehova ntabona abantu b'indahemuka gusa, ahubwo anabitaho. Bibiliya igira iti "amaso ya Yehova areba ku isi hose kugira ngo yerekane imbaraga ze arengera abafite umutima umutunganiye" (2 Ngoma 16:9). Ku bw'ibyo rero, dushobora kwiringira tudashidikanya ko ibyo tumukorera dufite 'umutima utanduye' atari imfabusa. —1 Tim 1:5; 1 Kor 15:58.

14 Ariko kandi, dukwiriye kumenya ko Yehova yanga abamusenga babigiranye uburyarya. Kubera ko amaso ye "areba ku isi hose," ashobora kumenya abadafite umutima "umutunganiye." Mu Migani 3:32 havuga ko "Yehova yanga urunuka umuntu urimanganya," urugero nk'umuntu ugaragaza ko amwumvira nyamara akora ibyaha rwihishwa. Nubwo umuntu urimanganya yamara igihe runaka yigira mwiza imbere y'abandi bantu, Yehova we ushobora byose kandi ukiranuka, avuga ko "uhisha ibicumuro bye nta cyo azageraho."—Imig 28:13; **soma muri 1 Timoteyo 5:24; Abaheburayo 4:13.**

15 Abenshi mu bagize ubwoko bwa Yehova bamusenga bafite umutima utaryarya. Ntibisanzwe ko mu itorero habamo umuntu witwa ko akorera Yehova kandi mu by'ukuri abikorana uburyarya. Ariko kandi, kuba byarabaye mu gihe cya Mose no mu itorero rya gikristo ryo mu kinyejana cya mbere, n'ubu bishobora kubaho (2 Tim 3:1, 5). Ese ibyo bivuga ko twagombye gukeka amababa Abakristo bagenzi bacu no gushidikanya ku budahemuka bwabo? Oya rwose! Gukeka amababa abavandimwe na bashiki bacu nta kintu gifatika dushingiyeho byaba ari amakosa. **(Soma mu Baroma 14:10-12; 1 Abakorinto 13:7.)** Ikindi kandi, gushidikanya ku budahemuka bw'abagize itorero bishobora kwangiza imishyikirano dufitanye na Yehova.

16 Buri Mukristo yagombye gusuzuma "imirimo ye" (Gal 6:4). Kubera ko tudatunganye, dushobora gukorera Yehova tubitewe n'impamvu zidakwiriye, ariko ntitubitahure (Heb 3:12, 13). Ku bw'ibyo, dukwiriye kujya dufata igihe tugasuzuma intego zituma dukorera Yehova. Dushobora kwibaza tuti "ese nsenga Yehova kubera ko mukunda kandi nkaba nifuza ko ari we wambera Umuyobozi? Cyangwa ibintu byiza niringiye kuzabona muri Paradizo ni byo mpa agaciro cyane" (Ibyah 4:11)? Mu by'ukuri, gusuzuma ibikorwa byacu bishobora kugira icyo bitumarira twese kandi bishobora gutuma twivanamo uburyarya ubwo ari bwo bwose.

KUBA INDAHEMUKA BIHESHA IBYISHIMO

17 Iyo twihatiye gusenga Yehova nta bu-

* Mu gice gikurikira tuzasuzuma uko twakwigana Yehova tuzibukira ibyo gukiranirwa.

13. Ni iki dushobora kwiringira?

14. Ni ukuhe gusenga Yehova atihanganira?

15. Ni iki twagombye kwirinda, kandi kuki?

16. (a) Ni iki buri wese muri twe yakora kugira ngo yirinde ko uburyarya bushinga imizi mu mutima we? (b) Ni ayahe masomo twavana mu bivugwa mu gasanduku gafite umutwe uvuga ngo "Mukomeze kwisuzuma . . . mukomeze mwigerageze . . ."?

17, 18. Kuki twagombye gusenga Yehova nta buryarya kandi tubivanye ku mutima?

ryarya kandi tubikuye ku mutima, tubona inyungu nyinshi. Umwanditsi wa zaburi yaravuze ati "hahirwa uwo Yehova atabaraho ikosa, kandi ntagire uburiganya muri we" (Zab 32:2). Koko rero, abarandura uburyarya mu mitima yabo bagira ibyishimo, kandi baba bazagira ibyishimo byinshi kurushaho mu gihe kizaza.

18 Mu gihe gikwiriye, Yehova azashyira ahabona abakora ibibi bose cyangwa abagira imibereho y'amaharakubiri, agaragaze "itandukaniro hagati y'umukiranutsi n'umunyabyaha, hagati y'ukorera Imana n'utayikorera" (Mal 3:18). Hagati aho, duhumurizwa no kumenya ko "amaso ya Yehova ari ku bakiranutsi, kandi [ko] amatwi ye yumva ibyo basaba binginga." —1 Pet 3:12.

"Mukomeze kwisuzuma . . . mukomeze mwigerageze . . . "

TWAKORA iki kugira ngo tumenye niba mu by'ukuri dukunda Yehova kandi niba tumusenga tubitewe n'intego nziza? Bibiliya itugira inama igira iti "mukomeze kwisuzuma murebe niba mukiri mu byo kwizera, mukomeze mwigerageze mumenye uko muhagaze" (2 Kor 13:5). Hari ibintu tuba tugomba guhora dusuzuma mu birebana n'imyifatire yacu kugira ngo turebe niba koko dukorera Yehova nta buryarya. Dore ibibazo dushobora kwibaza mu gihe twisuzuma:

- Ese nshimira abandi mbikuye ku mutima? Ese nkunda abavandimwe urukundo ruzira uburyarya?—Zab 12:2, 3; 1 Pet 1:22.
- Ese ngaragaza umuco wo kwakira abashyitsi kandi ngaha abandi impano mbitewe n'intego nziza?—Mat 6:2-4.
- Ese ngaragaza ko nkunda abagize umuryango wanjye kandi ko mbitaho, twaba turi mu rugo cyangwa turi hamwe n'abandi? —Kolo 3:18-21.
- Ese buri gihe imyifatire yanjye iba ihuje n'amahame ya Bibiliya nigisha abandi?—Rom 2:21-23.

Niba dutahuye ko dutangiye kugira imyifatire idakwiriye, byaba byiza tuyihinduye mbere y'uko ituganza. Hanyuma nk'uko intumwa Pawulo yabivuze, tuzabasha guhagarara imbere y'Imana maze tuvuge tuti 'nta na rimwe twigeze tuvuga amagambo yo gushyeshyenga cyangwa ngo twigaragaze uko tutari dushaka indamu.'—1 Tes 2:5.

Abagize ubwoko bwa Yehova ‘bazibukira ibyo gukiranirwa’

“Uwambaza izina rya Yehova nazibukire ibyo gukiranirwa.”—2 TIM 2:19.

WASUBIZA UTE?

Ni iki gishobora gutuma habaho “impaka zishingiye ku bintu by’ubupfu n’ubujiji,” kandi se twazirinda dute?

Ni mu buhe buryo ‘tuzibukira ibyo gukiranirwa’ mu birebana n’incuti mbi?

Ni mu buhe buryo twagira icyo dukora tutazuyaje kugira ngo ‘tuzibukire ibyo gukiranirwa’?

HIRYA no hino ku isi, ushobora kubona izina Yehova ryanditse ku nyubako nyinshi, cyangwa ku bintu bitandukanye biba biri mu mazu ndangamurage. Niba warabibonye, nta gushidikanya ko wumvise bigutangaje. Kubera ko turi Abahamya ba Yehova, izina ry’Imana rifite umwanya wihariye muri gahunda yacu yo kuyiyoboka. Ku isi hose, nta bandi bantu bakoresha izina ry’Imana nk’uko turikoresha. Ariko kandi, tuzi ko kwitirirwa izina ry’Imana hari icyo bidusaba.

2 Gukoresha izina ry’Imana si byo ubwabyo bituma Yehova atwemera. Tugomba kubaho mu buryo buhuje n’amahame ye arebana n’umuco. Kubera iyo mpamvu, Bibiliya itwibutsa ko abagize ubwoko bwa Yehova bagomba ‘kuzibukira ibibi’ (Zab 34:14). Intumwa Pawulo yatsindagirije iryo hame igihe yandikaga ati “uwambaza izina rya Yehova nazibukire ibyo gukiranirwa.” **(Soma muri 2 Timoteyo 2:19.)** Mu by’ukuri, twebwe Abahamya tuzwiho kuba twambaza izina rya Yehova. Ariko se, twazibukira dute ibyo gukiranirwa?

1. Ni iki gifite umwanya wihariye muri gahunda yacu yo kuyoboka Imana?

2. Twe abitirirwa izina ry’Imana dusabwa iki?

‘MWITARURE’ IBIBI

3 Muri 2 Timoteyo 2:19, Pawulo yavuze ibirebana n’ “urufatiro rukomeye rw’Imana.” Urwo rufatiro rwanditseho ibintu bibiri. Icya mbere ni uko “Yehova azi abe,” ayo akaba ari amagambo yavanywe mu Kubara 16:5. (Reba igice kibanziriza iki.) Icya kabiri ni iki: “uwambaza izina rya Yehova nazibukire ibyo gukiranirwa.” Intiti mu bya Bibiliya zimaze igihe kirekire zishaka kumenya ibisobanuro by’icyo kintu cya kabiri. Kubera iki?

4 Uburyo ayo magambo yanditsemo bugaragaza ko Pawulo yayavanye ahandi hantu. Ariko uko bigaragara, nta magambo yo mu Byanditswe by’igiheburayo ahuza n’ayo Pawulo yavuze. Ku bw’ibyo se, ni iki iyo ntumwa yerekezagaho ubwo yagiraga iti “uwambaza izina rya Yehova nazibukire ibyo gukiranirwa”? Mbere y’uko Pawulo avuga ayo magambo, yari yasubiyemo ibivugwa mu Kubara igice cya 16, ahavugwa inkuru yo kwigomeka kwa Kora. Ese amagambo Pawulo yakurikijeho na yo yaba afitanye isano n’iyo nkuru?

5 Bibiliya ivuga ko bene Eliyabu, ari bo Datani na Abiramu, bari ku isonga ry’abigometse kuri Mose na Aroni bafatanyije na Kora (Kub 16:1-5). Basuzuguye Mose mu buryo bugaragara, kandi banga kwemera ko ari we Imana yari yarashyizeho ngo abayobore. Ibyo byigomeke byakomeje kuba mu bari bagize ubwoko bwa Yehova, bikaba byarashoboraga gutuma Abisirayeli b’indahemuka batagirana imishyikirano myiza n’Imana. Mbere y’uko Yehova agaragaza abagaragu be b’indahemuka abo ari bo, yatanze itegeko risobanutse neza.

6 Bibiliya igira iti “Yehova asubiza Mose ati ‘bwira iteraniro uti “nimwitarure amahema ya Kora, Datani na Abiramu!”’ Hanyuma Mose arahaguruka asanga Datani na Abiramu, kandi abakuru b’Abisirayeli bajyana na we. Abwira abagize iteraniro ati ‘nimwitarure amahema y’aba bantu babi kandi ntimukore ku kintu cyabo cyose, kugira ngo mutarimburwa muzira icyaha cyabo.’ Bahita bitarura ihema rya Kora, irya Datani n’irya Abiramu” (Kub 16:23-27). Nyuma y’ibyo, Yehova yishe abantu bose bari bigometse. Ariko abagaragu b’Imana b’indahemuka bazibukiriye ibyo gukiranirwa bakitarura ibyo byigomeke, bo bararokotse.

7 Yehova asoma ibiri mu mutima. Abona ubudahemuka bw’abe. Ariko kandi, abagaragu be b’indahemuka bagombaga kugira icyo bakora, bakitandukanya n’abakiranirwa. Ubwo rero, birashoboka ko igihe Pawulo yandikaga ati “uwambaza izina rya Yehova nazibukire ibyo gukiranirwa,” yerekezaga ku nkuru ivugwa mu Kubara 16:5, 23-27. Uwo mwanzuro waba ukwiriye dukurikije amagambo Pawulo yavuze, agira ati “Yehova azi abe.”—2 Tim 2:19.

“UJYE UGENDERA KURE IMPAKA ZISHINGIYE KU BINTU BY’UBUPFU N’UBUJIJI”

8 Igihe Pawulo yerekezaga ku byabaye mu gihe cya Mose, yashakaga kwibutsa Timoteyo ko yagombaga kugira icyo akora kugira ngo arinde imishyikirano y’agaciro kenshi yari afitanye na Yehova. Kuba yari mu itorero rya gikristo byo ubwabyo ntibyari bihagije, nk’uko kwambaza izina rya Yehova mu gihe cya Mose na

3, 4. Intiti mu bya Bibiliya zimaze igihe kirekire zishaka gusobanukirwa ayahe magambo, kandi kuki?

5-7. Ni ibihe bintu byabaye mu gihe cya Mose Pawulo yerekejeho muri 2 Timoteyo 2:19? (Reba ifoto ibimburira iki gice.)

8. Kuki gukoresha izina rya Yehova cyangwa kuba mu itorero rya gikristo ubwabyo bidahagije?

byo bitari bihagije. Abagaragu b'Imana b'indahemuka bagomba kuzibukira ibyo gukiranirwa. Ni iki Timoteyo yasabwaga gukora? Kandi se, ni ayahe masomo abagize ubwoko bwa Yehova muri iki gihe bashobora kuvana ku nama yahumetswe Pawulo yamuhaye?

9 Ijambo ry'Imana ritanga inama zisobanutse neza ku birebana n'ibikorwa byo gukiranirwa Abakristo bagomba kuzibukira cyangwa kwanga urunuka. Urugero, Pawulo yagiriye Timoteyo inama yo 'kwirinda intambara z'amagambo' no 'kwamaganira kure amagambo y'amanjwe.' **(Soma muri 2 Timoteyo 2:14, 16, 23.)** Bamwe mu bari bagize itorero bazanaga inyigisho z'ubuhakanyi. Hari n'abandi bakwirakwizaga inyigisho zabyutsaga impaka. Nubwo izo nyigisho zabyutsaga impaka zitari zihabanye n'Ibyanditswe mu buryo bugaragara, zazanaga amacakubiri. Zatezaga intambara z'amagambo, zigatuma mu itorero haba umwuka mubi. Ni yo mpamvu Pawulo yagiriye Timoteyo inama yo 'kujya agendera kure impaka zishingiye ku bintu by'ubupfu n'ubujiji.'

10 Muri iki gihe, mu itorero ntihakunze kubamo abahakanyi. Ariko kandi, mu gihe twumvise inyigisho zidashingiye ku Byanditswe, tugomba kuzirinda, aho zaba ziturutse hose. Kujya impaka n'abahakanyi, byaba imbonankubone, kuri interineti, cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose, ntibyaba bihuje n'ubwenge. Gushyikirana n'umuhakanyi, niyo twaba tugamije kumufasha, byaba binyuranyije n'inama ishingiye ku Byanditswe twabonye. Ahubwo, twebwe abagize ubwoko bwa Yehova tuzibukira inyigisho z'ubuhakanyi, tukazirinda rwose.

11 Uretse inyigisho z'ubuhakanyi, hari ibindi bintu bishobora gutuma mu itorero hatarangwa amahoro. Urugero, kugira imitekerereze itandukanye mu birebana n'imyidagaduro bishobora gutuma habaho "impaka zishingiye ku bintu by'ubupfu n'ubujiji." Birumvikana ko igihe hari abantu bashyigikira imyidagaduro itandukira amahame ya Yehova arebana n'umuco, abasaza b'Abakristo batagombye kubyihanganira ngo aha barashaka kwirinda impaka (Zab 11:5; Efe 5: 3-5). Ariko kandi, abasaza bagomba kuba maso kugira ngo badashishikariza abandi gukurikiza ibitekerezo byabo. Bakurikiza inama yo mu Byanditswe ireba abagenzuzi b'Abakristo, igira iti "muragire umukumbi w'Imana mushinzwe kurinda, . . . mudatwaza igitugu abagize umurage w'Imana, ahubwo mujye muba ibyitegererezo by'umukumbi."—1 Pet 5: 2, 3; **soma mu 2 Abakorinto 1:24.**

12 Mu birebana n'imyidagaduro, umuteguro wacu ntugaragaza urutonde rw'amafilimi, imikino yo kuri orudinateri, ibitabo, cyangwa indirimbo twagombye kwirinda. Kubera iki? Ni ukubera ko Bibiliya ishishikariza buri wese gutoza "ubushobozi [bwe] bwo kwiyumvisha ibintu" kugira ngo ashobore "gutandukanya icyiza n'ikibi" (Heb 5:14). Ibyanditswe bigaragaza amahame Umukristo yakurikiza mu gihe ahitamo imyidagaduro.

---

9. "Impaka zishingiye ku bintu by'ubupfu n'ubujiji" zagiraga izihe ngaruka ku itorero rya gikristo ryo mu kinyejana cya mbere?

10. Mu gihe twumvise inyigisho z'ubuhakanyi twagombye gukora iki?

11. Ni iki gishobora gutuma habaho "impaka zishingiye ku bintu by'ubupfu," kandi se abasaza b'Abakristo batanga bate urugero rwiza?

12, 13. (a) Abahamya ba Yehova bahitamo bate imyidagaduro, kandi se ni ayahe mahame ya Bibiliya bakurikiza? (b) Ni mu buhe buryo amahame twasuzumye muri paragarafu ya 12 yakurikizwa mu bintu bitandukanye bireba umuntu ku giti cye?

Jya wirinda kujya impaka n'abahakanyi
(Reba paragarafu ya 10)

Mu byo dukora byose, intego yacu yagombye kuba iyo 'gukomeza kugenzura tukamenya neza icyo Umwami yemera' (Efe 5:10). Bibiliya igaragaza ko umugabo afite ubutware runaka, bityo hakaba hari imyidagaduro atagombye kwemera mu rugo rwe.*—1 Kor 11:3; Efe 6:1-4.

13 Amahame ya Bibiliya tumaze gusuzuma ntareba gusa amahitamo tugira mu birebana n'imyidagaduro. Kugira ibitekerezo binyuranye ku birebana n'imyambarire, kwirimbisha, ubuzima, imirire n'ibindi bintu bireba umuntu ku giti cye, na byo bishobora kubyutsa impaka. Ku bw'ibyo rero, iyo nta hame ry'Ibyanditswe ryarengerewe, abagize ubwoko bwa Yehova birinda kujya impaka ku bintu nk'ibyo, kuko 'umugaragu w'Umwami atagomba kurwana, ahubwo agomba kuba umugwaneza ku bantu bose.' —2 Tim 2:24.

* Reba ingingo iri kuri jw.org ifite umutwe uvuga ngo "Ese hari filimi, ibitabo cyangwa indirimbo mutemera?," ahavuga ngo "ABO TURI BO > IBIBAZO ABANTU BAKUNZE KWIBAZA."

IRINDE INCUTI MBI

14 Ni mu buhe buryo bundi 'abambaza izina rya Yehova bazibukira ibyo gukiranirwa'? Babikora birinda kwifatanya n'abantu bakora ibyo gukiranirwa. Pawulo yabigaragaje ate? Igihe yari amaze kuvuga ibirebana n' "urufatiro rukomeye rw'Imana," yatanze urugero rw' 'inzu nini.' Iyo nzu ntiyarimo 'ibikoresho bya zahabu n'ifeza gusa, ahubwo nanone yarimo ibikozwe mu giti no mu ibumba, kandi bimwe byakoreshwaga imirimo y'icyubahiro, ibindi imirimo isuzuguritse' (2 Tim 2: 20, 21). Hanyuma yagiriye Abakristo inama yo 'kwitandukanya' n'ibikoresho byakoreshwaga imirimo "isuzuguritse."

15 Urwo rugero rwumvikanisha iki? Pawulo yakoresheje urwo rugero agereranya itorero rya gikristo n' 'inzu nini,' naho abagize itorero abagereranya n' "ibikoresho" biyirimo. Mu nzu hashobora kubamo ibikoresho byateza akaga bitewe

14. Ni uruhe rugero Pawulo yatanze agaragaza ko tugomba kwirinda incuti mbi?

15, 16. Urugero rw' 'inzu nini' rutwigisha iki?

n'uko byandujwe n'ibintu runaka. Iyo bimeze bityo, nyir'urugo atandukanya ibyo bikoresho n'ibindi bitanduye, urugero nk'ibyo akoresha mu guteka.

16 Mu buryo nk'ubwo, abagize ubwoko bwa Yehova bihatira kuba abantu batanduye birinda kugirana ubucuti n'abagize itorero bakomeza gusuzugura amahame ya Yehova. **(Soma mu 1 Abakorinto 15:33.)** Niba tugomba kwirinda incuti mbi zo *mu* itorero, twagombye no 'gutera umugongo' izo *hanze* yaryo, kubera ko inyinshi muri zo 'zikunda amafaranga, ntizumvire ababyeyi, zikaba ari abahemu, zisebanya, zidakunda ibyiza, zigambana, zikunda ibinezeza aho gukunda Imana.'—2 Tim 3:1-5.

YEHOVA ADUHA IMIGISHA BITEWE N'UBUDAHEMUKA BWACU

17 Bibiliya ivuga neza icyo Abisirayeli bakoze ubwo basabwaga 'kwitarura amahema ya Kora, Datani na Abiramu.' Iyo nkuru ivuga ko *'bahise* bayitarura' (Kub 16:24, 27). Ntibajijinganyije cyangwa ngo batindiganye. Nanone iyo mirongo y'Ibyanditswe yumvikanisha ko bumviye iryo tegeko mu buryo bwuzuye. Baryumviye n'umutima wabo wose. Bagaragaje neza ko bari *bashyigikiye* Yehova, kandi ko *bangaga* ibyo gukiranirwa. Ibyo bitwigisha iki?

18 Kugira ngo turinde imishyikirano dufitanye na Yehova, tugomba kugira icyo dukora tudatindiganyije. Icyo ni cyo Pawulo yashakaga kuvuga igihe yagiraga Timoteyo inama yo *'guhunga* irari rya gisore' (2 Tim 2:22). Icyo gihe, Timoteyo yari yaramaze gukura, wenda ari mu kigero cy'imyaka 30. Ariko kandi, n'abakuze bashobora kugira "irari rya gisore" ry'ubupfu. Igihe Timoteyo yari kumva agize iryo rari, yagombaga 'kurihunga.' Mu yandi magambo, Timoteyo yagombaga 'kuzibukira ibyo gukiranirwa.' Yesu yavuze ikintu nk'icyo igihe yagiraga ati "ijisho ryawe nirikubera igisitaza, urinogore urite kure yawe" (Mat 18:9). Abakristo bafatana uburemere iyo nama muri iki gihe, bahita bagira icyo bakora badatindiganyije iyo bahuye n'ikintu gishobora kubateza akaga ko mu buryo bw'umwuka.

19 Hari abantu banywaga inzoga nyinshi ariko babaye Abahamya bahitamo kuzireka burundu. Hari abandi baba bafite intege nke runaka birinda imyidagaduro yatuma bagwa mu mutego wo gukora ibibi (Zab 101:3). Urugero, hari umuvandimwe wakundaga kujya mu bitaramo byo kubyina byarangwaga n'ubwiyandarike, mbere y'uko aba Umuhamya. Ariko igihe yari amaze kumenya ukuri, yirinze kujya abyina, ndetse no mu materaniro mbonezamubano y'Abahamya, atinya ko byatuma yongera kugira ibyifuzo cyangwa ibitekerezo bibi yari afite kera. Birumvikana ko Abakristo badasabwa kureka inzoga, kubyina cyangwa ikindi kintu cyose ubusanzwe kiba atari kibi. Icyakora, twese tuba twitezweho guhita tugira icyo dukora kugira ngo twirinde ikintu gishobora kuduteza akaga ko mu buryo bw'umwuka.

20 Kwitirirwa izina ry'Imana hari icyo bidusaba. Tugomba 'kuzibukira ibyo gukiranirwa' kandi tukirinda "ibibi" (Zab 34:14). Mu by'ukuri, ibyo si ko buri gihe biba byoroshye. Ariko kandi, duhumurizwa no kuba tuzi ko igihe cyose Yehova akunda "abe" bakurikiza inzira ze zikiranuka.—2 Tim 2:19; **soma mu 2 Ngoma 16:9a.**

---

17. Ni mu buhe buryo Abisirayeli b'indahemuka banze ibyo gukiranirwa mu buryo bwuzuye?

18. Ni iki Pawulo yashakaga kuvuga igihe yagiraga Timoteyo inama yo 'guhunga irari rya gisore'?

19. Ni iki bamwe bakoze kugira ngo birinde akaga ko mu buryo bw'umwuka?

20. Nubwo 'kuzibukira ibyo gukiranirwa' bishobora kutoroha, ni iki kiduha icyizere kandi kikaduhumuriza?

Nabuze data **Mbona undi Data**

BYAVUZWE NA GERRIT LÖSCH



Igihe nari mu kigero cy'imyaka 20 n'igihe nari nkiri umwana

DATA yavukiye mu mugi wa Graz muri Otirishiya mu mwaka wa 1899. Ubwo rero, mu Ntambara ya Mbere y'Isi Yose yari umusore. Hashize igihe gito Intambara ya Kabiri y'Isi Yose itangiye mu mwaka wa 1939, yinjijwe mu ngabo z'u Budage. Yaje kwicwa mu mwaka wa 1943 ubwo yarwanaga mu Burusiya. Nguko uko nabuze data igihe nari mfite imyaka hafi ibiri gusa. Sinigeze menya data kandi nifuzaga kumugira, cyane cyane iyo nabonaga abandi bana twiganaga bafite ba se. Nyuma yaho, igihe nari maze kuba ingimbi, nahumurijwe no kumenya ibirebana na Data wo mu ijuru, Data uruta abandi bose, udashobora gupfa.—Hab 1:12.

IGIHE NARI MU MURYANGO W'ABASUKUTI B'ABAHUNGU

Ubwo nari mfite imyaka irindwi, nagiye mu muryango w'Abasukuti b'abahungu. Uwo muryango mpuzamahanga washinzwe mu Bwongereza mu mwaka wa 1908, ushingwa na liyetona jenerali wo mu ngabo z'u Bwongereza witwaga Robert Stephenson Smyth Baden-Powell. Mu mwaka wa 1916, yashinze umuryango w'Abasukuti b'abahungu bakiri bato bo mu kigero cyanjye.

Nakundaga ingando z'Abasukuti twakoreraga mu biturage mu mpera z'icyumweru. Twararaga mu mahema, tukambara imyenda y'Abasukuti kandi tugakora akarasisi tujyanirana n'injyana y'ingoma. Nishimiraga cyane cyane kuba hamwe n'abandi Basukuti, nimugoroba tukaririmba dukikije umuriro twacanaga aho twabaga twakambitse, kandi tugakinira imikino inyuranye mu ishyamba. Nanone kandi, twamenyaga byinshi ku birebana n'ibidukikije, bikaba byaratumaga nishimira ibyo Umuremyi wacu yaremye.

Abahungu b'Abasukuti baterwa inkunga yo kugira igikorwa cyiza bakora buri munsi. Iyo ni yo ntego yabo. Iyo twasuhuzanyaga, buri wese yabwiraga mugenzi we ati "duhora twiteguye." Ibyo byaranshimishaga cyane. Mu itsinda narimo ryari rigizwe n'abahungu barenga ijana, hafi kimwe cya kabiri bari Abagatolika, abasigaye ari Abaporotesitanti, n'Umubuda umwe.

Kuva mu mwaka wa 1920, nyuma y'imyaka runaka Abasukuti bagira ikoraniro mpuzamahanga. Muri Kanama 1951, nagiye mu ikoraniro nk'iryo rya karindwi ryabereye mu mugi wa Bad Ischl muri Otirishiya, naho muri Kanama 1957 njya mu rya cyenda ryabereye i Sutton Park, hafi y'umugi wa Birmingham, mu Bwongereza. Muri iryo koraniro rya nyuma, hari Abasukuti bagera ku 33.000 bari baturutse mu bihugu n'uturere 85. Nanone muri iryo koraniro twasuwe n'abantu bagera ku 750.000, harimo n'Umwamikazi Elizabeth w'u Bwongereza. Nabonaga turi umuryango mpuzamahanga w'abavandimwe. Icyo gihe sinari nzi ko mu gihe gito nari kubona umuryango w'abavandimwe mwiza cyane kurushaho, ugizwe n'abantu bakunda Imana.

MPURA N'UMUHAMYA WA YEHOVA BWA MBERE

Ahagana muri Werurwe cyangwa muri Mata 1958, nari hafi kurangiza amasomo nigiraga muri Hoteli ya Wiesler iri mu mugi wa Graz ho muri Otirishiya, aho natozwaga akazi ko guhereza abantu ibyokurya. Icyo gihe umukozi twakoranaga witwaga Rudolf Tschiggerl wari uhagarariye abakoraga imigati, yambwirije mu buryo bufatiweho. Sinari narigeze numva ibihereranye n'ukuri. Yambwiye ko inyigisho y'Ubutatu itaboneka muri Bibiliya. Namubwiye ko ibonekamo, ko ibyo yavugaga bitari ukuri. Naramukundaga kandi nifuzaga kumwemeza kugira ngo agarukire Kiliziya Gatolika.

Rudolf twakundaga kwita Rudi yashatse kumpa Bibiliya. Namubwiye ko Bibiliya nashakaga ari iya Gatolika. Natangiye kuyisoma maze nza gusanga Rudi yashyizemo inkuru y'Ubwami yari yaranditswe n'Umuryango wa Watchtower. Sinayishimiye kuko numvaga ko ibitabo nk'ibyo byashoboraga kubamo amagambo asa n'aho ari ukuri, ariko mu by'ukuri atari ukuri. Icyakora, nemeye kuganira na we ku birebana na Bibiliya. Rudi yagize ubushishozi ntiyongera kugira ikindi gitabo ampa. Mu gihe kigera ku mezi atatu, twagiye tugirana ibiganiro bishingiye kuri Bibiliya, kandi akenshi twagezaga mu gicuku.

Rudi Tschiggerl wari uhagarariye abakoraga imigati, ni we wambwirije bwa mbere

Igihe amasomo nahabwaga muri ya hoteli yo mu mugi w'iwacu wa Graz yari arangiye, mama yaranyishyuriye nkomereza amasomo mu ishuri ryigisha iby'amahoteli. Ku bw'ibyo, nimukiye mu mugi wa Bad Hofgastein wari mu kibaya cy'imisozi miremire ya *Alpes,* aho iryo shuri ryari riri. Iryo shuri ryakoranaga na ya hoteli yitwa Grand Hotel yo mu mugi wa Bad Hofgastein, kandi rimwe na rimwe nakoraga muri iyo hoteli kugira ngo ndusheho gusobanukirwa ibyo nigaga mu ishuri.

NSURWA NA BASHIKI BACU BABIRI B'ABAMISIYONARI

Rudi yari yarohereje aderesi yanjye nshya ku biro by'ishami by'i Vienne, maze ibyo biro biyoherereza bashiki bacu babiri b'abamisiyonari ari bo Ilse Unterdörfer na Elfriede Löhr.* Umunsi umwe, uwari ushinzwe kwakira abantu muri ya hoteli yarampamagaye maze ambwira ko hanze hari abagore babiri bari mu modoka, banshakaga. Naguye mu rujijo kuko ntari mbazi. Ariko nagiye kureba abo ari bo. Nyuma yaho, naje kumenya ko batwaraga ibitabo by'Abahamya mu gihe cy'ishyaka rya Nazi mu Budage, ubwo umurimo w'Abahamya wari warabuzanyijwe muri icyo gihugu. Mbere y'uko Intambara ya Kabiri y'Isi Yose itangira, bari barafashwe n'abapolisi bari bashinzwe ubutasi mu Budage (Gestapo) maze babajyana mu kigo cyakoranyirizwagamo imfungwa cy'i Lichtenburg. Hanyuma mu gihe cy'intambara, bimuriwe mu kigo cy'i Ravensbrück, hafi y'i Berlin.

Abo bashiki bacu bari mu kigero cya mama. Ku bw'ibyo, narabubahaga cyane. Sinifuzaga gutuma bata igihe cyabo baganira nanjye, maze wenda nyuma y'ibyumweru cyangwa amezi runaka nkababwira ko ntashaka gukomeza kuganira na bo. Bityo, nabasabye kunzanira urutonde rw'imirongo y'Ibyanditswe ivuga ibirebana n'inyigisho ya Kiliziya Gatolika ivuga ko ba papa bagiye basimburana uhereye ku ntumwa Petero. Nababwiye ko nari kuyishyira padiri wacu tukayiganiraho. Natekerezaga ko icyo gihe nari kumenya aho ukuri kuri.

* Reba inkuru ivuga ibyabaye mu mibereho yabo mu igazeti y'*Umunara w'Umurinzi* yo ku itariki ya 1 Gashyantare 1980 (mu gifaransa).

MENYA IBIREBANA NA NYIRUBUTUNGANE NYAKURI WO MU IJURU

Kiliziya Gatolika y'i Roma yigisha ko ba papa bagiye basimburana uhereye ku ntumwa Petero. (Kiliziya iba isobanura nabi amagambo ya Yesu ari muri Matayo 16:18, 19.) Kiliziya Gatolika inavuga ko papa adashobora kwibeshya mu gihe yigisha. Ibyo narabyemeraga kandi ngatekereza nti "niba papa, uwo Abagatolika bita Nyirubutungane, atajya yibeshya mu byo yigisha, kandi akaba yaremeje ko inyigisho y'Ubutatu ari ukuri, ubwo igomba kuba ari ukuri." Ariko nanone naratekerezaga nti "niba ajya yibeshya, ubwo n'iyo nyigisho ishobora kuba atari ukuri." Ku Bagatolika benshi, inyigisho ivuga ko ba papa bagiye basimburana uhereye ku ntumwa Petero ni yo y'ingenzi kurusha izindi zose, kuko kugira ngo izindi nyigisho za Gatolika zibe ukuri cyangwa ikinyoma, biba bishingiye kuri iyo nyigisho.

Igihe najyaga kureba padiri, ntiyashoboye gusubiza ibibazo nari mfite, ahubwo yavanye mu kabati ke igitabo cya Gatolika gisobanura iby'iyo nyigisho. Nakijyanye mu rugo nk'uko yari abinsabye, ndagisoma, maze nsubira kumureba mfite ibibazo byinshi kurushaho. Amaherezo, uwo mupadiri abonye ko atari ashoboye kunsubiza, yarambwiye ati "sinshobora kukwemeza, kandi nawe ntushobora kunyemeza. . . . Igendere!" Ntiyifuzaga gukomeza kugirana nanjye ibiganiro.

Icyo gihe noneho nemeye ko Ilse na Elfriede banyigisha Bibiliya. Banyigishije byinshi ku birebana na Nyirubutungane nyakuri wo mu ijuru, cyangwa Data Wera, ari we Yehova Imana (Yoh 17:11). Kubera ko icyo gihe nta torero ryari muri ako gace, abo bashiki bacu bombi bayoboreraga amateraniro mu rugo rw'abantu bari bashimishijwe. Abantu bake gusa ni bo bateranaga. Abo bashiki bacu bombi batangaga ibiganiro byose kubera ko nta muvandimwe wabaga uhari ngo ayobore amateraniro. Rimwe na rimwe, hari umuvandimwe wavaga ahandi akaza kuduhera disikuru ahantu twabaga twakodesheje.

NTANGIRA KUBWIRIZA

Ilse na Elfriede batangiye kunyigisha Bibiliya mu Kwakira 1958, maze mbatizwa nyuma y'amezi atatu, ni ukuvuga muri Mutarama 1959. Mbere y'uko mbatizwa, nababajije niba nshobora kubaherekeza mu murimo wo kubwiriza ku nzu n'inzu kugira ngo ndebe gusa uko ukorwa (Ibyak 20:20). Maze kubaherekeza ku ncuro ya mbere, nababajije niba bampa ifasi yo kubwirizamo. Bampaye umudugudu wose. Najyagayo jyenyine, nkabwiriza ku nzu n'inzu jyenyine, kandi ngasubira gusura ababaga bashimishijwe. Umuvandimwe wa mbere twajyanye kubwiriza ku nzu n'inzu ni umugenzuzi usura amatorero, waje nyuma yaho kujya asura itorero ryacu.

Ilse Unterdörfer na Elfriede Löhr batangiye kunyigisha Bibiliya mu mwaka wa 1958

Mu mwaka wa 1960, maze kurangiza kwiga iby'amahoteli, nasubiye mu mugi w'iwacu kugira ngo mfashe bene wacu kumenya ukuri ko muri Bibiliya. Kugeza n'ubu nta n'umwe wari waba Umuhamya, ariko hari bamwe bagaragaza ko bishimira ukuri.

NKORA UMURIMO W'IGIHE CYOSE

Mu mwaka wa 1961, mu matorero hasomwe amabaruwa yari avuye ku biro by'ishami yashishikarizaga ababwiriza gukora umurimo w'ubupayiniya. Kubera ko nari umuseribateri kandi mfite amagara mazima, numvise nta mpamvu yari gutuma ntakora umurimo w'ubupayiniya. Naganiriye n'umugenzuzi w'akarere witwaga Kurt Kuhn ku cyo we yatekerezaga ku birebana no kuba nakora andi mezi runaka kugira ngo nshobore kugura imodoka yari kumfasha mu murimo w'ubupayiniya. Uzi uko yanshubije? Yarambwiye ati "ese Yesu n'intumwa bari bakeneye imodoka kugira ngo bakore umurimo w'igihe cyose?" Icyo kibazo cyamfashije gufata umwanzuro. Nahise nitegura gutangira umurimo w'ubupayiniya. Ariko kubera ko icyo gihe nakoraga amasaha 72 buri cyumweru muri hoteli, nagombaga kubanza kugira ibyo mpindura.

Nabajije umukoresha wanjye niba yari kunyemerera gukora amasaha 60. Yarabinyemereye kandi ampa umushahara yari asanzwe ampa. Nyuma yaho gato, namusabye gukora amasaha 48 mu cyumweru. Nabwo yarabyemeye kandi akomeza kumpemba amafaranga yari asanzwe ampemba. Nyuma yaho, namusabye gukora amasaha 36 buri cyumweru, ni ukuvuga amasaha 6 buri munsi ngakora iminsi 6, nabwo aranyemerera. Natangajwe n'uko umushahara wakomeje kuba wa wundi. Birashoboka ko umukoresha wanjye atifuzaga ko ngenda. Iyo gahunda yatumye ntangira gukora umurimo w'ubupayiniya bw'igihe cyose. Icyo gihe abapayiniya basabwaga kubwiriza amasaha 100 buri kwezi.

Nyuma y'amezi ane, nabaye umupayiniya wa bwite mu itorero rito ryo mu ntara ya Carinthie, mu mugi wa Spittal an der Drau, kandi nasohozaga inshingano nk'iy'umuhuzabikorwa w'inteko y'abasaza muri iki gihe. Icyo gihe abapayiniya ba bwite basabwaga kubwiriza amasaha 150 buri kwezi. Nta wundi mupayiniya wa bwite twakoranaga. Ariko kandi, hari mushiki wacu witwaga Gertrude Lobner wanshyigikiraga cyane mu murimo, kandi yasohozaga inshingano nk'iy'umwanditsi w'itorero muri iki gihe.

MPABWA IZINDI NSHINGANO

Mu mwaka wa 1963, nabaye umugenzuzi usura amatorero. Rimwe na rimwe, nagendaga na gari ya moshi mva mu itorero njya mu rindi, ntwaye amavarisi aremereye cyane. Kubera ko abenshi mu bavandimwe batagiraga imodoka, ntawazaga kumfata aho za gari ya moshi zahagararaga. Kugira ngo abavandimwe batamfata nk'umwirasi, nirindaga gufata tagisi yo kungeza aho nabaga ndi bucumbike, ahubwo nkagenda n'amaguru.

Mu mwaka wa 1965, icyo gihe nkaba nari nkiri umuseribateri, natumiriwe kwiga Ishuri rya 41 rya Gileyadi. Abenshi mu bo twiganye iryo shuri na bo bari abaseribateri. Natangajwe cyane n'uko turangije iryo shuri nasabwe gusubira mu gihugu cyanjye cya Otirishiya, kugira ngo nkomeze umurimo wo gusura amatorero. Icyakora, mbere yo kuva muri Amerika, nasabwe kumara ibyumweru bine mperekeza umugenzuzi wasuraga amatorero. Nishimiye cyane gukorana n'umuvandimwe Anthony Conte, warangwaga n'urukundo kandi wakundaga umurimo wo kubwiriza, ndetse akaba yarageraga kuri byinshi muri uwo murimo. Twasuye amatorero yo mu karere ka Cornwall kari mu majyaruguru ya leta ya New York.

Igihe nasubiraga muri Otirishiya, noherejwe gusura akarere, aho nahuriye na mushiki wacu mwiza cyane witwa Tove Merete. Ababyeyi be babaye Abahamya afite imyaka itanu. Iyo abavandimwe batubajije uko twamenyanye, tubasubiza dutera urwenya tuti "ibiro by'ishami ni byo byaduhuje." Twashyingiranywe mu mwaka wakurikiyeho, ni ukuvuga muri Mata 1967, kandi twemerewe gukomeza umurimo wo gusura amatorero.

Mu mwaka wakurikiyeho, namenye ko Yehova yari yarangize umwana we wo mu buryo bw'umwuka ku bw'ineza ye yuje urukundo. Nguko uko natangiye kugirana imishyikirano yihariye na Data wo mu ijuru, n'abandi bose 'barangurura bati *"Abba,* Data!,"' nk'uko bivugwa mu Baroma 8:15.

Jye na Merete twakomeje kuba abagenzuzi b'akarere n'ab'intara kugeza mu mwaka wa 1976. Mu gihe cy'imbeho, rimwe na rimwe twaryamaga mu byumba bitagira ibyuma bishyushya mu nzu, hari ubukonje buri munsi ya zeru. Igihe kimwe twarabyutse dusanga igice cyo haruguru cy'ikiringiti twari twiyoroshe cyahindutse nk'urukwi kandi cyabaye umweru, bitewe n'uko umwuka twasohoraga wari wabaye

Ku munsi w'ubukwe bwacu

Ndi muri Otirishiya nabwirizaga mu buryo bunyuranye, harimo no kubwiriza mu muhanda

barafu. Twafashe umwanzuro wo kujya twitwaza akuma gashyushya mu nzu kakoreshwaga n'amashanyarazi kugira ngo kajye kadufasha nijoro. Mu duce tumwe na tumwe, nijoro twanyuraga mu rubura tugiye mu bwiherero bwabaga buri hanze, bukonje cyane kubera ko akenshi bwabaga butubatse neza. Nanone kandi, kubera ko tutagiraga aho kuba, kuwa mbere twagumaga mu rugo rw'umuvandimwe wabaga yaducumbikiye muri icyo cyumweru, hanyuma kuwa kabiri mu gitondo tugakomereza mu rindi torero.

Nshimishwa n'uko muri iyo myaka yose, umugore wanjye nkunda cyane yagiye anshyigikira. Akunda kubwiriza, ku buryo nta na rimwe nabaga ngomba kubimushishikariza. Nanone kandi, akunda incuti zacu kandi ahangayikira abandi. Ibyo byaramfashije cyane.

Mu mwaka wa 1976, twatumiriwe kujya gukora ku biro by'ishami byo muri Otirishiya biri i Vienne, kandi nabaye umwe mu bari bagize Komite y'Ibiro by'Ishami. Icyo gihe, ibiro by'ishami byo muri Otirishiya byagenzuraga umurimo wakorerwaga mu bihugu binyuranye byo mu Burayi bw'i Burasirazuba, kandi byoherezaga ibitabo muri ibyo bihugu mu ibanga. Umuvandimwe Jürgen Rundel ni we wari ubishinzwe, kandi yagiraga umwete cyane. Nishimiye gukorana na we, kandi nyuma yaho nasabwe guhagararira umurimo wo guhindura ibitabo mu ndimi icumi zivugwa mu Burayi bw'i Burasirazuba. Ubu Jürgen n'umugore we Gertrude bakomeje gukora umurimo mu budahemuka ari abapayiniya ba bwite mu Budage. Kuva mu mwaka wa 1978, ibiro by'ishami byo muri Otirishiya ni byo byapangaga umwandiko wasohokaga mu magazeti kandi bikayacapa mu ndimi esheshatu. Nanone kandi, twoherezaga za abonema mu bihugu bitandukanye byabaga byazisabye. Otto Kuglitsch, ubu ukora ku biro by'ishami by'u Budage hamwe n'umugore we Ingrid, ni we wari uhagarariye iyo mirimo.

Abavandimwe bo mu Burayi bw'i Burasirazuba na bo bicapiraga ibitabo bakoresheje imashini zakoraga fotokopi, cyangwa bakabicapa bavanye umwandiko ku tuntu tumeze nka negatifu. Ariko kandi, babaga bakeneye n'ubufasha bw'ibindi bihugu. Yehova yarinze uwo murimo, kandi abakoraga ku biro by'ishami twese twakundaga abo bavandimwe bamaze imyaka myinshi bakora umurimo bari mu mimerere igoye kandi umurimo warabuzanyijwe.

URUZINDUKO RWIHARIYE MURI RUMANIYA

Mu mwaka wa 1989, nishimiye kujya muri Rumaniya mperekeje umuvandimwe Theodore Jaracz, wari

umwe mu bari bagize Inteko Nyobozi. Twagiyeyo tugamije gufasha itsinda rinini ry'abavandimwe kugira ngo bongere kwifatanya n'umuteguro. Kuva mu mwaka wa 1949, bari bararetse kwifatanya n'umuteguro bitewe n'impamvu zitandukanye, maze bashinga ayabo matorero. Ariko kandi, bakomeje kubwiriza no kubatiza. Nanone kandi, bemeraga gufungwa bitewe n'uko bativangaga muri politiki, nk'uko byari bimeze ku bavandimwe bari bakiri mu muteguro. Umurimo wari ukibuzanyijwe muri Rumaniya, akaba ari yo mpamvu twahuye mu ibanga n'abasaza bane bari ku isonga, hamwe n'abari bahagarariye Komite y'Igihugu yo muri Rumaniya yari yemewe n'umuteguro, duhurira mu rugo rw'umuvandimwe Pamfil Albu. Nanone twajyanye umusemuzi tumuvanye muri Otirishiya, ari we Rolf Kellner.

Ntegerezanyije amatsiko kuzareba uko abantu bazazukira ku isi igihe nzaba ndi mu ijuru, maze noneho nkabona data wambyaye ku mubiri

Ubwo twaganiraga mu ijoro rya kabiri, umuvandimwe Albu yashoboye kumvisha abo basaza bane bagenzi be ko bakwiriye kwiyunga natwe, ubwo yagiraga ati "nitutabikora ubu, wenda ntituzongera kubona uburyo bwo kubikora." Ibyo byatumye abavandimwe bagera ku 5.000 bagaruka mu muteguro. Mu by'ukuri, Yehova yari atsinze Satani!

Ahagana ku mpera z'umwaka wa 1989, mbere y'uko ubutegetsi bw'Abakomunisiti busenyuka mu Burayi bw'i Burasirazuba, jye n'umugore wanjye twatumiwe n'Inteko Nyobozi kuza gukora ku cyicaro gikuru i New York. Ibyo byaradutunguye cyane. Twatangiye gukora kuri Beteli y'i Brooklyn muri Nyakanga 1990. Mu mwaka wa 1992, nahawe inshingano yo gufasha Komite y'Inteko Nyobozi Ishinzwe Umurimo, kandi kuva muri Nyakanga 1994, nabaye umwe mu bagize Inteko Nyobozi.

NTEKEREZA KU GIHE CYAHISE KANDI NKAREBA IBY'IGIHE KIZAZA

Hashize igihe kirekire cyane nkoze akazi ko guhereza abantu ibyokurya muri hoteli. Ubu nishimira kuba ngira uruhare mu gutegura ibyokurya byo mu buryo bw'umwuka no kubiha abavandimwe bo hirya no hino ku isi (Mat 24:45-47). Iyo nshubije amaso inyuma nkareba imyaka isaga 50 maze mu murimo w'igihe cyose, numva nishimye cyane. Nanone kandi, iyo mbonye ukuntu Yehova yagiye aha imigisha umuryango mpuzamahanga w'abavandimwe, numva nezerewe cyane. Nkunda kujya mu makoraniro mpuzamahanga, aho twiga ibihereranye na Data wo mu ijuru Yehova n'ukuri ko muri Bibiliya.

Nsenga nsaba ko abandi bantu babarirwa muri za miriyoni bakwiga Bibiliya, bakemera ukuri, kandi bagakorera Yehova bunze ubumwe n'umuryango w'abavandimwe bo ku isi hose (1 Pet 2:17). Nanone kandi, ntegerezanyije amatsiko kuzareba uko abantu bazazukira ku isi igihe nzaba ndi mu ijuru, maze noneho nkabona data wambyaye ku mubiri. Niringiye ko we, mama ndetse n'abandi bene wacu nakundaga bose bazifuza gusenga Yehova muri Paradizo.

Ndi kumwe n'umugore wanjye i Brooklyn, New York

“Muri abahamya banjye”

“Yehova aravuga ati ‘muri abahamya banjye.’ ”—YES 43:10.

KUBA umuhamya bisobanura iki? Hari inkoranyamagambo yabisobanuye igira iti “ni umuntu uba wabonye ibyabaye maze akavuga uko byagenze.” Urugero, mu mugi wa Pietermaritzburg wo muri Afurika y’Epfo hari ikinyamakuru cyitwa *Umuhamya* kimaze imyaka isaga 160 cyandikwa. Iryo zina rirakwiriye kubera ko ikinyamakuru kiba kigomba kuvuga ibintu bibera ku isi mu buryo buhuje n’ukuri. Uwashinze ikinyamakuru *Umuhamya* yasezeranyije ko icyo kinyamakuru cyari kuzajya kivuga “ukuri, ukuri kose, ntikivuge ikindi kitari ukuri.”

2 Ikibabaje ni uko hari ibintu by’ingenzi kurusha ibindi itangazamakuru ryagiye ryirengagiza cyangwa rikabigoreka. Uko ni ko ryabigenje ku birebana n’ibyo Imana ishoborabyose yavuze binyuze ku muhanuzi wayo wa kera ari we Ezekiyeli, igira iti “amahanga azamenya ko ndi Yehova” (Ezek 39:7). Ariko kandi, itangazamakuru ryo ku isi si ryo kamara kugira ngo Umutegetsi w’Ikirenga w’ijuru n’isi amenyekane. Afite Abahamya bagera kuri miriyoni umunani babwira abantu bo mu mahanga yose ibimwerekeyeho, ibyo yakoreye abantu mu bihe byashize n’ibyo abakorera muri iki gihe. Nanone kandi, abo Bahamya benshi cyane babwira abantu ibintu bihebuje Imana yasezeranyije kuzabakorera. Muri Yesaya 43:10 hagira hati “Yehova aravuga ati ‘muri abahamya banjye; ndetse muri umugaragu wanjye natoranyije.’ ”

WASUBIZA UTE?

Ni mu buhe buryo Abisirayeli bari abahamya ba Yehova?

Izina ry’Imana risobanura iki?

Twagaragaza dute ko dushimira Imana kubera ko twitirirwa izina ryayo ryera?

1, 2. (a) Kuba umuhamya bisobanura iki, kandi se ni ikihe kintu cy’ingenzi cyane itangazamakuru ryo muri iyi si ryananiwe gukora? (b) Kuki Yehova adakeneye kwimenyekanisha binyuze ku itangazamakuru ryo muri iyi si?

Kwigisha abana bacu ibyerekeye Yehova byubahisha izina rye
(Reba paragarafu ya 5 n'iya 6)

Iyo dushyize umurimo wo kubwiriza mu mwanya wa mbere, mu by'ukuri tuba tugaragaza ko turi Abahamya ba Yehova.

3 Kwitirirwa izina rya Yehova nta ko bisa, kubera ko ari "Umwami w'iteka." We ubwe yagize ati "iryo ni ryo zina ryanjye kugeza iteka ryose, kandi ni rwo rwibutso rwanjye uko ibihe bizagenda bikurikirana." (1 Tim 1:17; Kuva 3:15; gereranya n'Umubwiriza 2:16.) Mu mwaka wa 1931, Abigishwa ba Bibiliya bafashe umwanzuro wo kwitwa Abahamya ba Yehova. Nyuma yaho, amabaruwa menshi yo gushimira yasohotse muri iyi gazeti. Hari itorero ryo muri Kanada ryanditse riti "inkuru nziza ivuga ko turi 'Abahamya ba Yehova' yaradushimishije cyane kandi yatumye turushaho kwiyemeza kubaho mu buryo buhuje n'iryo zina."

4 Wagaragaza ute ko wishimira kuba witirirwa izina ry'Imana? Ese ushobora gusobanura impamvu Yehova atwita Abahamya be, nk'uko bivugwa mu gitabo cya Yesaya?

ABAHAMYA B'IMANA BO MU BIHE BYA KERA

5 Abisirayeli bo mu gihe cya Yesaya, buri wese ku giti cye, bari "abahamya" ba Yehova, naho ishyanga ryose uko ryakabaye rikaba "umugaragu" we (Yes 43:10). Uburyo bumwe ababyeyi b'Abisirayeli bagaragazagamo ko ari abahamya ni ukwigisha abana babo ibirebana n'ibyo Imana yakoreye abakurambere babo. Urugero, igihe Abisirayeli bategekwaga kwizihiza Pasika ya buri mwaka, barabwiwe ngo "abana banyu nibababaza bati 'uwo muhango mukora usobanura iki?' Muzabasubize muti 'ni igitambo cya pasika ya Yehova, wanyuze ku mazu y'Abisirayeli muri Egiputa igihe yatezaga ibyago Abanyegiputa, ariko akaroko-

3, 4. (a) Ni ryari Abigishwa ba Bibiliya bafashe izina rishya, kandi se ibyo byatumye biyumva bate? (Reba ifoto ibimburira iki gice.) (b) Ni ibihe bibazo tugiye gusuzuma?

5, 6. (a) Ni mu buhe buryo ababyeyi b'Abisirayeli bagaragazaga ko ari abahamya ba Yehova? (b) Ni iki kindi ababyeyi b'Abisirayeli bari barategetswe gukora, kandi se kuki ababyeyi bo muri iki gihe na bo bagomba kubigenza batyo?

ra amazu yacu'" (Kuva 12:26, 27). Nanone kandi, abo babyeyi bashobora kuba barasobanuriraga abana babo ko igihe Mose yajyaga kureba umutegetsi wa Egiputa bwa mbere kugira ngo amusabe kureka Abisirayeli bakajya gusengera Yehova mu butayu, Farawo yamubwiye ati "Yehova ni nde kugira ngo numvire ijwi rye ndeke Abisirayeli bagende?" (Kuva 5:2). Ababyeyi babwiraga abana babo uko Yehova yashubije icyo kibazo cya Farawo n'ukuntu yagaragarije abantu bose ko ari Imana Ishoborabyose. Yateje Egiputa ibyago icumi, kandi akiza Abisirayeli ingabo za Egiputa ku Nyanja Itukura. Nanone kandi, Abisirayeli biboneye ko Yehova ari Imana y'ukuri kandi ko buri gihe asohoza amasezerano ye.

6 Nta gushidikanya ko Abisirayeli bishimiraga kwitirirwa izina rya Yehova batabwiraga ibyo bintu bihebuje abana babo gusa, ahubwo babibwiraga n'abanyamahanga bari abagaragu babo. Nanone kandi, Abisirayeli bagombaga gutoza abana babo kuba abera, mbese bakabaho mu buryo buhuje n'amahame y'Imana. Yehova yagize ati "mujye muba abantu bera kuko jyewe Yehova Imana yanyu ndi uwera" (Lewi 19:2; Guteg 6:6, 7). Muri iki gihe, ababyeyi b'Abakristo na bo bagomba kubigenza batyo. Bagomba gutoza abana babo kuba abera, bityo bakabafasha kubaho mu buryo buhesha ikuzo izina ry'Imana ry'icyubahiro.—**Soma mu Migani 1:8; Abefeso 6:4.**

7 Bityo rero, iyo Abisirayeli baberaga Imana indahemuka, byatumaga izina ryayo rivugwa neza. Bari barabwiwe bati 'amoko yose yo mu isi azabona ko mwitiriwe izina rya Yehova, kandi azabatinya' (Guteg 28:10). Ikibabaje ariko, ahanini amateka y'Abisirayeli yaranzwe n'ubuhemu. Incuro nyinshi basubiraga inyuma bagasenga ibigirwamana. Byongeye kandi, babaye abagome kimwe n'imana z'Abanyakanani basengaga. Batambaga abana babo kandi bagakandamiza abakene. Ibyo bitwigisha ko tugomba guhatanira guhora turi abera kimwe n'Uwera cyane twitirirwa izina rye.

"DORE NGIYE GUKORA IKINTU GISHYA"

8 Yehova yari yaravuze mbere y'igihe ko Abisirayeli bari kwibonera ukuntu yari kubabohora mu buryo butangaje (Yes 43:19). Ibice bitandatu bibanza by'igitabo cya Yesaya, ahanini bikubiyemo imiburo irebana n'akaga kari kugera kuri Yerusalemu n'imigi yari iyikikije. Yehova, we ureba ibiri mu mutima, yabwiye Yesaya gukomeza kubatangariza iyo miburo, nubwo abantu bari kwinangira ntibamwumve. Yesaya yarababaye cyane maze yifuza kumenya igihe iryo shyanga ry'Imana ryari kumara ritayumvira. Imana yamushubije iki? Yagize iti "ni ukugeza igihe imigi izabera amatongo, itakirimo abaturage, amazu atakibamo umuntu wakuwe mu mukungugu, n'igihugu cyarahindutse umusaka."—**Soma muri Yesaya 6:8-11.**

9 Yesaya yahawe iyo nshingano mu mwaka wa nyuma w'ubutegetsi bw'Umwami Uziya, ni ukuvuga ahagana mu mwaka wa 778 Mbere ya Yesu. Yakomeje umurimo we wo guhanura mu gihe cy'imyaka igera kuri 46, kugeza ahagana mu mwaka wa 732 Mbere ya Yesu, ku ngoma y'Umwami Hezekiya. Hari hasigaye imyaka 125 ngo Yerusalemu irimburwe, mu mwaka wa 607 Mbere ya Yesu. Nguko uko abari bagize ubwoko bw'Imana bahawe umuburo mbere y'igihe ku birebana n'uko byari kuzagendekera ishyanga ryabo. Muri iki gihe nabwo, Yehova yatumye abagize ubwoko bwe guha abantu umuburo ku

7. (a) Iyo Abisirayeli baberaga Yehova indahemuka byatumaga amahanga yari abakikije yitwara ate? (b) Abitirirwa izina ry'Imana bose basabwa iki?

8. Ni iyihe nshingano Yehova yahaye Yesaya, kandi se Yesaya yayakiriye ate?

9. (a) Ni ryari ubuhanuzi bwa Yesaya bwavugaga ibirebana na Yerusalemu bwasohoye? (b) Ni uwuhe muburo tugomba kwitondera muri iki gihe?

Yehova ni izina rifite ibisobanuro byimbitse

Icyo risobanura

"Atuma biba"

Impamvu akwiriye kwitwa iryo zina

- Yehova yaremye ibintu byose
- Atuma ibyo ashaka byose bisohora

Icyo rihishura

- Azaba icyo azashaka kuba cyo cyose kugira ngo asohoze amasezerano ye
- Atuma ibiremwa bye bikora icyo ashatse cyose kugira ngo asohoze ibyo ashaka
- Nta cyo atakora cyangwa ngo atume kiba kugira ngo asohoze umugambi we

birebana n'ibizaba mu gihe kizaza. Igazeti y'*Umunara w'Umurinzi* imaze imyaka 135 ibwira abasomyi bayo ko ubutegetsi bubi bwa Satani bugiye kuvaho, bugasimburwa n'Ubutegetsi bwa Yesu Kristo bw'Imyaka Igihumbi.—Ibyah 20:1-3, 6.

10 Abayahudi benshi bumviye bakishyira mu maboko y'Abanyababuloni, barokotse irimbuka rya Yerusalemu, maze bajyanwa mu bunyage i Babuloni (Yer 27:11, 12). Nyuma y'imyaka 70, abari bagize ubwoko bw'Imana biboneye isohozwa ry'ubuhanuzi butangaje, bugira buti "Yehova Umucunguzi wanyu, Uwera wa Isirayeli, aravuga ati 'nzohereza intumwa i Babuloni ku bwanyu, kandi nzashyira hasi ibihindizo by'amazu y'imbohe.' "—Yes 43:14.

10, 11. Abisirayeli bari i Babuloni biboneye irihe sohozwa ry'ubuhanuzi bwa Yesaya?

11 Mu buryo buhuje n'ubwo buhanuzi, hari ikintu gitangaje cyabaye mu ijoro rimwe, mu kwezi k'Ukwakira, mu mwaka wa 539 Mbere ya Yesu. Igihe umwami w'i Babuloni n'abatware be banyweraga divayi mu bikoresho byera byari byarasahuwe mu rusengero rw'i Yerusalemu, ari na ko basingiza ibigirwamana byabo, ingabo z'Abamedi n'Abaperesi zafashe icyo gihugu. Mu mwaka wa 538 cyangwa 537 Mbere ya Yesu, Kuro wari warigaruriye Babuloni yategetse Abayahudi gusubira i Yerusalemu kugira ngo bongere kubaka urusengero rw'Imana. Ibyo byose byari byarahanuwe na Yesaya, hakubiyemo n'isezerano rya Yehova ry'uko yari kwita ku bari bagize ubwoko bwe bihannye kandi akabarinda, mu gihe bari kuba basubiye i Yerusalemu. Imana yavuze ko bari 'ubwoko yihangiye kugira ngo bwamamaze ishimwe ryayo' (Yes 43:21; 44:26-28). Abahoze mu bunyage bamaze gusubira i Yerusalemu maze bakongera kubaka urusengero rwa Yehova, biboneye ko Yehova, we Mana y'ukuri yonyine, buri gihe asohoza ibyo yavuze.

12 Igihe Abisirayeli basubiraga i Yerusalemu kongera kubaka urusengero, abanyamahanga babarirwa mu bihumbi bifatanyije na bo muri gahunda yo gusenga Yehova. Nyuma yaho, hari abandi banyamahanga benshi bahindukiriye idini ry'Abayahudi (Ezira 2:58, 64, 65; Esit 8:17). Muri iki gihe, abagize "imbaga y'abantu benshi" bo mu 'zindi ntama' za Yesu bashyigikira mu budahemuka Abakristo basutsweho umwuka bagize "Isirayeli y'Imana" (Ibyah 7:9, 10; Yoh 10:16; Gal 6:16). Abo bagize imbaga y'abantu benshi na bo bitwa Abahamya ba Yehova.

13 Mu gihe cy'Ubutegetsi bwa Kristo bw'Imyaka Igihumbi, abagize imbaga y'abantu benshi bazagira ibyishimo bitagere-

12, 13. (a) Ni ba nde bifatanyije n'Abisirayeli igihe basubizagaho gahunda yo gusenga Yehova? (b) Ni iki abagize "izindi ntama" baba bitezweho mu gihe bashyigikira abagize "Isirayeli y'Imana," kandi se ni ibihe byiringiro bafite?

ranywa byo gusobanurira abazaba bazutse uko kuba Umuhamya wa Yehova mu minsi ya nyuma y'isi ya Satani byari bimeze. Ariko ibyo tuzabigeraho ari uko gusa dukomeje gukora ibihuje n'izina twitwa, kandi tukihatira gukomeza kuba abera. Nubwo dukora uko dushoboye kose kugira ngo tubeho mu buryo buhuje n'amahame ya Yehova, buri munsi dukora amakosa. Ku bw'ibyo, tugomba gusenga Yehova buri munsi tumusaba imbabazi. Iyo dukomeje kuba abera, tuba tugaragaza ko dushimira Yehova kubera ko yatwemereye kwitirirwa izina rye.—**Soma muri 1 Yohana 1:8, 9.**

ICYO IZINA RY'IMANA RISOBANURA

14 Kugira ngo turusheho kumva dutewe ishema no kwitirirwa izina ry'Imana, byaba byiza dutekereje ku cyo risobanura. Izina Yehova rituruka ku nshinga y'igiheburayo ishobora guhindurwamo ngo "kuba," kandi yumvikanisha igikorwa. Ku bw'ibyo rero, izina Yehova ryumvikanisha ko Imana "ituma biba." Ibyo bisobanuro birakwiriye, kuko Yehova ari we waremye isanzure ry'ikirere ndetse n'ibiremwa bye bifite ubwenge, kandi akaba asohoza ibyo yagambiriye byose. Akomeza gutuma ibyo ashaka n'umugambi we bisohora, icyo abamurwanya, urugero nka Satani, bakora cyose kugira ngo bamukome mu nkokora.

15 Igihe Yehova yatumaga Mose kujya kuvana ubwoko bwe muri Egiputa, yamuhishuriye kimwe mu bigize kamere ye ubwo yamubwiraga icyo izina rye risobanura akoresheje inshinga ifitanye isano n'iyavuzwe haruguru, ariko icyo gihe bwo ikaba yari itondaguwe muri ngenga ya mbere. Bibiliya igira iti "Imana ibwira Mose iti 'Nzaba icyo nzashaka kuba cyo cyose.' Yongeraho iti 'uzabwire Abisirayeli uti "Nzaba icyo nzashaka kuba cyo yabantumyeho."'" (Kuva 3:14). Bityo rero, uko imimerere yaba iri kose, Yehova azaba icyo azashaka kuba cyo cyose kugira ngo asohoze umugambi we. Yehova yacunguye Abisirayeli, arabarinda, arabayobora, kandi ni we wabahaga ibyo babaga bakeneye byose mu buryo bw'umubiri no mu buryo bw'umwuka.

UKO TWAGARAGAZA KO DUSHIMIRA

16 Muri iki gihe, Yehova akomeje gukora ibihuje n'icyo izina rye risobanura aduha ibyo dukenera byose mu buryo bw'umwuka no mu buryo bw'umubiri. Icyakora, izina ry'Imana ntirisobanura gusa ko aba icyo ashaka kuba cyo cyose. Rinasobanura ko atuma Abahamya be bagera ku cyo ashaka cyose mu murimo bamukorera, kugira ngo asohoze umugambi we. Kubitekerezaho bizatuma dukomeza kubaho mu buryo bwubahisha izina rye. Uwitwa Kåre wo muri Noruveji ufite imyaka 84, akaba amaze imyaka 70 ari Umuhamya urangwa n'ishyaka, yaravuze ati "numva ntewe ishema no gukorera Yehova, Umwami w'iteka, no kuba umwe mu bagize ubwoko bwitirirwa izina rye ryera. Kugeza ku bandi ukuri ko muri Bibiliya maze nkabona ukuntu bishimye kandi barushijeho gusobanukirwa ibintu, numva nta ko bisa. Urugero, nshimishwa cyane no kubasobanurira akamaro k'igitambo cy'incungu cya Kristo, n'ukuntu binyuze kuri icyo gitambo bashobora kuzabona ubuzima bw'iteka mu isi nshya izaba irangwa n'amahoro no gukiranuka."

17 Tuvugishije ukuri, mu turere tumwe na tumwe kubona abantu bashaka kwiga ibyerekeye Imana bigenda birushaho kugorana. Icyakora, kimwe na Kåre, iyo tubonye umuntu udutega amatwi maze tukamwigisha ibyerekeye izina rya Yehova, turishima cyane. Ariko se, ni mu buhe buryo twaba Abahamya ba Yehova, tukaba n'abahamya ba Yesu? Icyo kibazo tuzagisuzuma mu gice gikurikira.

---

14. Ni iki izina Yehova risobanura?

15. Ni mu buhe buryo Yehova yahishuye kimwe mu bigize kamere ye nk'uko bigaragazwa n'icyo izina rye risobanura? (Reba agasanduku gafite umutwe uvuga ngo "Yehova ni izina rifite ibisobanuro byimbitse.")

16, 17. (a) Twagaragaza dute ko dushimira Imana kubera ko twitirirwa izina ryayo? (b) Ni iki tuzasuzuma mu gice gikurikira?

“Muzambera abahamya”

“[Yesu] arazibwira ati ‘. . . muzambera abahamya . . . kugera mu turere twa kure cyane tw’isi.’”—IBYAK 1:7, 8.

WASUBIZA UTE?

Ni mu buhe buryo Yesu yabayeho mu buryo buhuje n’icyo izina rye risobanura?

Kuki Yesu yavuze ati *“muzambera* abahamya”?

Kuki twakwiringira tudashidikanya ko tuzagira icyo tugeraho mu murimo wacu wo kubwiriza?

“IKI ni cyo navukiye kandi ni cyo cyanzanye mu isi: ni ukugira ngo mpamye ukuri.” **(Soma muri Yohana 18:33-37.)** Ayo ni amagambo Yesu Kristo yabwiye guverineri w’Umuroma wategekaga Yudaya igihe yacirwaga urubanza. Yesu yari amaze kuvuga ko ari umwami. Imyaka runaka nyuma yaho, intumwa Pawulo yavuze ko Yesu ari umuhamya “watangarije mu ruhame ubuhamya bwiza imbere ya Ponsiyo Pilato” (1 Tim 6:13). Koko rero, kuba “umuhamya wizerwa kandi w’ukuri” muri iyi si ya Satani irangwa n’urwango, rimwe na rimwe bisaba kugira ubutwari bwinshi nk’ubwa Yesu.—Ibyah 3:14.

2 Yesu yari umuhamya wa Yehova kuva akivuka, kuko yari Umuyahudi (Yes 43:10). Mu by’ukuri, ni we wabaye umuhamya ukomeye kuruta abandi bose Imana yashyiriyeho kuvuganira izina ryayo. Yesu yafatanye uburemere icyo izina yahawe n’Imana risobanura. Igihe umumarayika yabwiraga Yozefu wari kuzamurera ko inda Mariya yari atwite yayisamye biturutse ku mwuka wera, uwo mumarayika yongeyeho ati “azabyara umwana w’umuhungu kandi uzamwite Yesu, kuko ari we uzakiza ubwoko bwe ibyaha byabwo” (Mat 1:20, 21). Muri rusange, intiti mu bya Bibiliya zemera ko izina Yesu rikomoka ku izina ry’igiheburayo Jeshua, kandi ko rigaragaramo izina ry’Imana mu bu-

1, 2. (a) Ni nde muhamya wa Yehova ukomeye kuruta abandi bose? (b) Izina Yesu risobanura iki, kandi se ni mu buhe buryo Umwana w’Imana yabayeho mu buryo buhuje n’icyo izina rye risobanura?

ryo buhinnye; izina Yesu risobanurwa ngo "Yehova ni agakiza." Yesu yakoze ibihuje n'icyo izina rye risobanura, afasha "intama zazimiye zo mu nzu ya Isirayeli" kugira ngo zihane ibyaha byazo, bityo zongere kwemerwa na Yehova (Mat 10:6; 15:24; Luka 19:10). Ni yo mpamvu Yesu yabwirije ibyerekeye Ubwami bw'Imana abigiranye ishyaka. Umwanditsi w'Ivanjiri Mariko yabivuze muri aya magambo ngo "Yesu ajya i Galilaya abwiriza ubutumwa bwiza bw'Imana, agira ati 'igihe cyagenwe kirasohoye, n'ubwami bw'Imana buregereje. Nimwihane kandi mwizere ubutumwa bwiza'" (Mar 1:14, 15). Nanone kandi, Yesu yaciriyeho iteka abayobozi b'idini ry'Abayahudi abigiranye ubutwari, iyo ikaba ari imwe mu mpamvu zatumye bamwicira ku giti.—Mar 11:17, 18; 15:1-15.

"IBITANGAZA BY'IMANA"

3 Nyuma y'iminsi itatu Yesu apfuye urupfu rubabaje, hari ikintu gitangaje cyabaye. Yehova yaramuzuye, amuzura adafite umubiri usanzwe ahubwo ari ikiremwa cy'umwuka kidashobora gupfa (1 Pet 3: 18). Kugira ngo Umwami Yesu yemeze abigishwa be ko yazutse, yambaye umubiri usanzwe maze arabiyereka. Ku munsi yazutseho yabonekeye abigishwa be batandukanye incuro zigera kuri eshanu. —Mat 28:8-10; Luka 24:13-16, 30-36; Yoh 20:11-18.

4 Igihe Yesu yagaragaraga ku ncuro ya gatanu, intumwa ze n'abandi bari bateraniye hamwe. Kuri uwo munsi utazibagirana, yabigishije Ijambo ry'Imana. 'Yahaye ubwenge bwabo gusobanukirwa neza Ibyanditswe.' Bityo, basobanukiwe ko kuba yarishwe n'abanzi b'Imana kandi akazuka mu buryo bw'igitangaza byari byarahanuwe mu Byanditswe. Iryo teraniro ry'ingenzi rigiye kurangira, Yesu yabwiye abigishwa be icyo basabwaga gukora. Yababwiye ko "bishingiye ku izina rye abantu bo mu mahanga yose, uhereye i Yerusalemu, bari kubwirizwa ibyo kwihana kugira ngo bababarirwe ibyaha." Yongeyeho ati *"muzaba abagabo bo guhamya ibyo."* —Luka 24:44-48.

5 Ku bw'ibyo, igihe Yesu yagaragaraga bwa nyuma hashize iminsi 40, intumwa ze zishobora kuba zarasobanukiwe neza icyo yashakaga kuvuga igihe yazihaga itegeko ryoroheje ariko rifite imbaraga, rigira riti "muzambera abahamya i Yerusalemu n'i Yudaya n'i Samariya no kugera mu turere twa kure cyane tw'isi" (Ibyak 1:8). Kuki Yesu yagize ati *"muzambera* abahamya," aho kuvuga ko bari kubera Yehova abahamya? Yesu yashoboraga kuvuga ko bari kubera Yehova abahamya, ariko abo yabwiraga bari Abisirayeli bari basanzwe ari abahamya ba Yehova.

6 Icyo gihe, abigishwa ba Yesu bari bagiye kumenyekanisha ikintu gishya mu bigize umugambi wa Yehova, ikintu gikomeye cyane kuruta kuba Abisirayeli bari baravanywe mu bubata bwo muri Egiputa, na nyuma yaho bakavanwa mu bunyage i Babuloni. Urupfu rwa Yesu Kristo no kuzuka kwe ni byo byari gutuma abantu bavanwa mu bubata bubi cyane kurusha ubundi bwose, ari bwo bubata bw'icyaha n'urupfu. Kuri Pentekote yo mu mwaka wa 33, abigishwa ba Yesu bari bamaze gusukwaho umwuka bamenyesheje abantu "ibitangaza by'Imana," kandi hari abantu benshi babyitabiriye. Bityo rero, Yesu ari mu ijuru iburyo bwa Se yatangiye kubona ukuntu izina rye ryarushagaho kugira agaciro, ubwo abantu babarirwa mu bihumbi bihanaga kandi bakizera ko ari we Yehova yakoreshaga kugira ngo abantu babone agakiza.—Ibyak 2:5, 11, 37-41.

---

3. Ni iki cyabaye Yesu amaze iminsi itatu apfuye?

4. Ni irihe teraniro ry'ingenzi Yesu yayoboye amaze kuzuka, kandi se ni iki yasabye abigishwa be gukora?

5, 6. (a) Kuki Yesu yavuze ati "*muzambera* abahamya"? (b) Ni ikihe kintu gishya mu bigize umugambi wa Yehova abigishwa ba Yesu bari kumenyekanisha?

"INCUNGU YA BENSHI"

7 Ibyabaye kuri Pentekote yo mu mwaka wa 33 byagaragaje ko Yehova yari yaremeye igitambo gitunganye cya Yesu ngo kibe incungu yari gutuma abantu bavanwa mu bubata bw'icyaha (Heb 9:11, 12, 24). Nk'uko Yesu yabisobanuye, ntiyaje "gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutanga ubugingo bwe ngo bube incungu ya benshi" (Mat 20:28). Abo "benshi" bari kungukirwa n'incungu ya Yesu si Abayahudi bonyine. Imana ishaka ko "abantu b'ingeri zose bakizwa," kubera ko incungu 'ikuraho icyaha cy'*isi.*'—1 Tim 2:4-6; Yoh 1:29.

8 Ese abo bigishwa ba Yesu bo mu kinyejana cya mbere bagize ubutwari bwo gukomeza kumubera abahamya? Yego rwose. Ariko kandi, ntibabikoze biturutse ku mbaraga zabo. Umwuka wera wa Yehova wabashishikarije gukomeza kubwiriza kandi utuma bagira imbaraga. **(Soma mu Byakozwe 5:30-32.)** Hashize imyaka igera kuri 27 nyuma ya Pentekote yo mu mwaka wa 33, umuntu yashoboraga kuvuga ko 'ukuri k'ubutumwa bwiza' kwari kwarageze ku Bayahudi no ku Banyamahanga bo "mu baremwe bose bari munsi y'ijuru." —Kolo 1:5, 23.

9 Ikibabaje ariko, itorero rya gikristo ryo mu kinyejana cya mbere ryatangiye kwanduzwa n'inyigisho z'ikinyoma (Ibyak 20: 29, 30; 2 Pet 2:2, 3; Yuda 3, 4). Nk'uko Yesu yari yarabivuze, ubwo buhakanyi bwazanywe n' "umubi" ari we Satani, bwari kwiyongera maze bugapfukirana inyigisho z'ukuri kugeza mu 'minsi y'imperuka' (Mat 13:37-43). Icyo gihe Yehova yari kwimika Yesu kugira ngo ategeke abantu bo ku isi hose. Ibyo byabaye mu Kwakira 1914, biba intangiriro y' 'iminsi y'imperuka' y'isi mbi ya Satani.—2 Tim 3:1.

10 Abakristo basutsweho umwuka bo muri iki gihe bari baragaragaje mbere y'igihe ko ukwezi k'Ukwakira 1914 kwari kuba kwihariye. Ibyo babibonye bashingiye ku buhanuzi bwa Daniyeli buvuga ibirebana n'igiti kinini cyatemwe, ariko kikaba

---

7. Ni iki ibyabaye kuri Pentekote yo mu mwaka wa 33 byagaragazaga?

8. Abigishwa ba Yesu babwirije mu rugero rungana iki, kandi se kuki ibyo byashobotse?

9. Nk'uko byari byarahanuwe, byagendekeye bite itorero rya gikristo ryo mu kinyejana cya mbere?

10. (a) Ni uwuhe mwaka wihariye Abakristo basutsweho umwuka bo muri iki gihe batangaje? (b) Ni iki cyabaye mu Kwakira 1914, kandi se tubibwirwa n'iki?

Kimwe n'abigishwa ba Yesu, natwe dukomeza kumenyesha abandi umugambi wa Yehova urebana n'igihe kizaza
(Reba paragarafu ya 5 n'iya 6)

cyari kongera gushibuka nyuma y'"ibihe birindwi" (Dan 4:16). Mu buhanuzi Yesu yavuze burebana no kuhaba kwe n'"iminsi y'imperuka," yerekeje kuri icyo gihe avuga ko ari "ibihe byagenwe by'amahanga." Kuva muri uwo mwaka wihariye wa 1914, 'ikimenyetso kigaragaza ukuhaba [kwa Kristo]' ari Umwami mushya w'isi cyagiye kigaragarira bose (Mat 24:3, 7, 14; Luka 21:24). Ku bw'ibyo rero, kuva icyo gihe mu 'bitangaza by'Imana' tubwiriza harimo no kuba Yehova yarimitse Yesu kugira ngo ategeke abantu bo ku isi hose.

11 Bidatinze, Yesu Kristo Umwami mushya w'isi yatangiye kuvana abigishwa be basutsweho umwuka mu bubata bwa "Babuloni Ikomeye" (Ibyah 18:2, 4). Mu mwaka wa 1919, Intambara ya Mbere y'Isi Yose imaze kurangira, abasutsweho umwuka babonye umudendezo mwinshi wo kubwiriza hirya no hino ku isi. Babwirizaga ibirebana n'incungu Imana yatanze kugira ngo abantu babone agakiza, bakabwiriza n'ubutumwa bwiza bw'Ubwami bwashyizweho. Ibyo byatumye hakorakoranywa abandi basutsweho umwuka babarirwa mu bihumbi, kugira ngo bazabe abami bafatanyije na Kristo.

12 Kuva mu mwaka wa 1935, byagaragaye ko Kristo yari yaratangiye gukorakoranya abagize "izindi ntama" ze babarirwa muri za miriyoni, bari kuzaba "imbaga y'abantu benshi" baturuka mu mahanga yose. Abo bagize imbaga y'abantu benshi, bayobowe n'Abakristo basutsweho umwuka, na bo bagaragaza ubutwari nk'ubwa Yesu bagatangaza ko agakiza bagakesha Imana na Kristo. Nibakomeza gukora umurimo wo kubwiriza kandi bagakomeza kwizera incungu ya Kristo, bazarokoka 'umubabaro ukomeye,' uzatuma habaho iherezo ry'isi ya Satani.—Yoh 10:16; Ibyah 7:9, 10, 14.

'DUSHIRE AMANGA KUGIRA NGO TUVUGE UBUTUMWA BWIZA'

13 Nimucyo dukomeze gufatana uburemere inshingano dufite yo kubwira abandi "ibitangaza" Yehova Imana yakoze, n'ibyo asezeranya kuzakora mu gihe kizaza. Ni iby'ukuri ko gusohoza iyo nshingano atari ko buri gihe biba byoroshye. Abavandimwe bacu benshi babwiriza mu mafasi arimo abantu batitabira ubutumwa, ababakoba, cyangwa ababatoteza. Dushobora kubigenza nk'uko intumwa Pawulo na bagenzi be babigenje. Yagize ati "Imana yacu yaduhaye gushira amanga kugira ngo tubabwire ubutumwa bwiza bwayo turwana intambara ikomeye [cyangwa "turwanywa cyane"]" (1 Tes 2:2). Nimucyo twe

11, 12. (a) Ni iki Umwami mushya w'isi yatangiye gukora mu mwaka wa 1919, intambara imaze kurangira? (b) Ni iki cyagaragaye kuva mu mwaka wa 1935? (Reba ifoto ibimburira iki gice.)

13. Ni iki twebwe Abahamya ba Yehova twiyemeje gukora, kandi se ni iki cyadufasha kubigeraho?

kuzigera tugamburura. Ahubwo tugomba gukomeza gukora ibyo twiyemeje ubwo twiyeguriraga Imana, uko isi ya Satani igenda yegereza igihe cyo kuba amatongo (Yes 6:11). Ibyo ntitwabishobora biturutse ku mbaraga zacu, ahubwo kimwe n'Abakristo bo mu kinyejana cya mbere, tugomba gusenga Yehova tumusaba umwuka we wera kugira ngo tugire "imbaraga zirenze izisanzwe."—**Soma mu 2 Abakorinto 4: 1, 7;** Luka 11:13.

14 Muri iki gihe, abantu babarirwa muri za miriyoni bavuga ko ari Abakristo, 'ariko bahakana Imana binyuze ku mirimo yabo, kuko ari abo kwangwa urunuka, kandi ni abantu batumvira, badakwiriye gushingwa umurimo mwiza uwo ari wo wose' (Tito 1: 16). Byaba byiza twibutse ko mu kinyejana cya mbere Abakristo b'ukuri bangwaga na benshi mu bari babakikije. Ni yo mpamvu intumwa Petero yanditse ati "nibabatuka babahora izina rya Kristo, murahirwa, kuko . . . umwuka w'Imana . . . uri kuri mwe."—1 Pet 4:14.

15 Ese ayo magambo yahumetswe ashobora kwerekezwa ku Bahamya ba Yehova muri iki gihe? Yego rwose, kubera ko tubwiriza ibirebana n'ubwami bwa Yesu. Ku bw'ibyo, kutwanga bitewe n'uko twitiririwa izina rya Yehova ni kimwe no 'kudutuka baduhora izina rya [Yesu] Kristo,' we wabwiye abamurwanyaga ati "naje mu izina rya Data ntimwanyakira" (Yoh 5:43). Bityo rero, ubutaha abantu nibakurwanya bakuziza ko ubwiriza, uzagire ubutwari. Ibyo bizaba bigaragaza ko wemerwa n'Imana kandi ko umwuka wayo 'ukuriho.'

14, 15. (a) Abakristo bo mu kinyejana cya mbere babonwaga bate, kandi se ni iki intumwa Petero yavuze ku birebana na bo? (b) Twagombye kwiyumva dute mu gihe dutotejwe tuzira ko turi Abahamya ba Yehova?

16 Nanone kandi, ujye wibuka ko hirya no hino ku isi hari abantu benshi bitabira ukuri. Yemwe no mu mafasi abwirizwa kenshi turacyabonamo abantu bemera kudutega amatwi tukabagezaho ubutumwa buhebuje bw'agakiza. Nimucyo dushishikarire gusubira gusura abashimishijwe, kandi niba bishoboka tubigishe Bibiliya, bityo tubafashe kumenya Yehova maze bamwiyegurire kandi babatizwe. Wenda wumva umeze nka Sarie wo muri Afurika y'Epfo, umaze imyaka isaga 60 akora umurimo wo kubwiriza. Agira ati "nshimira Yehova cyane kuko, binyuze ku gitambo cy'incungu cya Yesu, nshobora kugirana na we imishyikirano myiza, we Mutegetsi w'Ikirenga w'ijuru n'isi, kandi nishimira ko nshobora kumenyekanisha izina rye rihebuje." We n'umugabo we Martinus bafashije abantu benshi kuba abagaragu ba Yehova, harimo n'abana babo batatu. Sarie yakomeje agira ati "umurimo wo kubwiriza ni wo wonyine utuma umuntu arushaho kunyurwa, kandi twese Yehova aduha imbaraga dukenera binyuze ku mwuka we wera, kugira ngo dukomeze gukora uwo murimo urokora ubuzima."

17 Twaba turi Abakristo babatijwe cyangwa tukaba twihatira kugera kuri iyo ntego, dufite impamvu zumvikana zo gushimira Imana kuko yatumye tuba bamwe mu bagize itorero ryo ku isi hose ry'Abahamya ba Yehova. Ku bw'ibyo rero, komeza kubwiriza mu buryo bunonosoye, ari na ko wihatira kutanduzwa n'iyi si ya Satani. Nubigenza utyo, uzahesha ikuzo Data wo mu ijuru urangwa n'urukundo, ufite izina rihebuje twitiririwa.

16, 17. (a) Abahamya ba Yehova bo hirya no hino ku isi babona bate umurimo wo kubwiriza? (b) Ni iki wiyemeje?

JW.ORG TM

Ushobora kuvana iyi gazeti n'ibindi bitabo kuri interineti ku buntu, ku rubuga rwa www.jw.org/rw

Nanone, ushobora gusomera *Bibiliya —Ubuhinduzi bw'isi nshya* kuri interineti

Jya kuri **www.jw.org/rw,** cyangwa utunge kamera ya telefoni yabigenewe kuri iyi kode

w14 07/15-YW
141006